KUGIRWA UMWANA [2]

Na . . . nakererewe gato. Nari mfite umuntu w'umunyarugomo, w'umunyarugomo cyane, kandi icyo gihe nyine nagombaga kujyayo, kuko bari, babi cyane. Rero, bari muhanda baturutse muri Michigan, kandi sherifu yari yarabahamagaye, abavugisha ibintu bimwe n'ibindi, ariko avuga ko bari, abantu babi cyane. Ariko rero, biraza kuba byiza cyane; kandi niko bijya biba byose—byose bimaze kujya mu nsi y'ubugenzuzi, byose biba byiza, rero nta kibazo. Gusa, igihe cyose Umwami yinjiye mu kintu, bituma ko byose biba binjiye munsi y'ubugenzuzi Bwe, si byo se? Yoo, Ni—Ni byiza cyane; gutekereza ku bwiza Bwe n'imbabazi Ze, z'icyo Ashaka kuvuga kuri twe, n'ukuntu ishimwe Rye ari iry'agaciro.

Ni byiza, twagerageje gutangira, kuvuga ngo dufate ibice bitatu bya mbere by'igitabo cy'Abefeso. Kandi ndatekereza ko twabonye amagambo atatu ya mbere, cyangwa *ibintu* bitatu bya mbere hariya. Ntabwo twageze kure cyane, ariko wenda iri joro dushobora gukomeza tukegera imbere gato. Noneho, ndashaka kuvuga ko ntari umunyeshuri wa Bibiliya, mu buryo burambuye, kandi ndi kure cyane yo kuba umuhanga mu bya tewolojiya, ariko nkunda—nkunda Umwami, kandi nkunda kumukorera na . . . [Mwene Data avugisha Mwene Data Branham—Ubwanditsi.]

Hari umuntu, mbere gato y'uko dukomeza, wavuze ati: umwana w'umukobwa muto ari mu bitaro i Louisville, kandi abahanga b'inzobere mu kuvura bose bamuretse, ubu arenda gupfa, none azanye icyifuzo cy'uyu mwana. Nk'Abakristo, ni inshingano zacu kunamisha imitwe yacu, ubungubu, kugira ngo tumusengere.

Mwami wacu wuje ubuntu, ntabwo ari inshingano zacu gusa, ahubwo ni n'amahirwe yacu, kandi ni i—icyifuzo cyacu ko twunamisha imitwe yacu iri joro nk'itorero, nk'itsinda ry'abantu bahamagawe, bizera hano muri iri joro, kugira ngo bigishe Ijambo Ryawe, udushyira mu Mubiri mu mwanya wacu, ngo aho duherereye, abe ari ho dushobora gukorera hamwe neza nk'ingingo z'Umubiri wa Kristo.

[2] Kandi na none turasabwa guhita twegera Imana. Kandi buri wese muri twe mu babyeyi atekereza ko, byagenda bite uwo aramutse ari umukobwa wawe, imitima yacu yakwicwa n'agahinda muri twe, kandi twahamagara amatorero kugira ngo ahite asenga. Kandi umutima w'ababapapa uragurumana, ubabaye. Mwami, reka uwo Muntu ukomeye w'Umwuka Wera aze nonaha asange uriya mutima w'uriya mupapa. Kuraho igicucu cyose cyo gushidikanya, n'ububabare bwose,

kandi umumenyeshe ko uri Imana kandi ko nta ndwara ishobora kwihanganira Kugaragara Kwawe igihe umurimo Wawe w'Imana wakozwe n'itorero Ryawe n'abantu Bawe.

3 Kandi uko icyumweru cyose gihita, dusenga, kuva ku Cyumweru gishize natekereje kuri ubu buryo cyangwa ibi bikoresho byifashishwa mu gusenga. Nta ntwaro nyinshi dufite ku isi nk'uko bigaragara, ariko aka gasasu gato k'umuhumetso karabica iyo gafatiwe mu ntoki z'ukwizera. Ô Mwami, amasengesho yacu agere aho agomba kugera, maze urwo rupfu ruri hejuru y'uwo mwana, ruvunagurike; umwijima, icuraburindi, bijye kure y'igitanda cy'urwo ruhinja, urwo ruhinja cyangwa umwana, umukobwa muto. Kandi Umucyo ukomeye w'Ukugaragara kw'Imana urumurikire. Nave muri ibyo bitaro, ari umwana muzima.

4 Mana, tuzi ko abakunzi bacu bategerereje hakurya y'uruzi, kandi ni iby'igiciro. Ariko dukunda abana bacu bato. Kandi turasenga, Mwami, kubw'icyubahiro Cyawe, kugira ngo Uzarokore ubuzima bw'uwo mwana. Twebwe, nk'itorero Ryawe, ducyashye urwo rupfu, tuvuga tuti: "Hagarara aho. Ntushobora gufata uwo mwana, kuko dusabye ubuzima bwe ku bw'Ubwami bw'Imana." Twemerere ibyo bintu, Mwami, bigere neza aho bigenewe uko tubiyobora, mw'Izina rya Yesu Kristo, Umukiza wacu. Amina.

5 Ese turizeye? Sinzi icyo nari gukora iyo ntaba ndi Umukristo. Sinshaka gukomeza kuhaguma. Ntacyo naba mbereyeho, ni ukugira ngo abandi bakizwe gusa, ni cyo cyiza kurusha ibindi nzi.

6 Noneho, iri joro turashaka gutangira ako kanya gato k'isomo ryacu rya saa sita. Kandi ndaza kugerageza gusoma, kubera ko, igice cyose, niba mbishoboye iri joro. Rero ku Cyumweru mu gitondo ngomba kwihuta ku Cyumweru mu gitondo na nijoro, niba ari byo bikwiye, kugerageza kwinjira muri iki gihe cy'ibyo nifuza ko itorero ribona. Ni byiza cyane kubona umwanya wanyu! Kandi nta muntu ushobora gukora ikintu icyo ari cyo cyose keretse uzi neza icyo akora.

7 Byagenda bite se uramutse ugiye ku . . . kubagwa, kandi hari umuganga ukiri muto wari ukiva ku ishuri ku buryo ata . . . utarigeze abaga na rimwe. Nyamara, yari umusore ukiri muto n'imisatsi ye yari isokoje neza cyane, kandi yari yambaye neza bigezweho, muri make yari yiteguye neza muri byose. Maze aravuga ati: "Natyaje ibyuma, kandi nateguye ibikoresho byose n'ibindi." Ariko ufite ibyiyumvo bike bisekeje kuri iyo ngingo. Nakwifuza umuganga ubifitemo uburambe wabanje kubaga iyi ndwara inshuro nyinshi mbere, mbere y'uko nemera ko bankata. Nda—ndashaka kumenya umuntu utari ukirangiza amashuri ako kanya, ahubwo ndashaka umuntu ufite uburambe.

8 Kandi umuntu w'inararibonye kurusha abandi bose nzi, wo guhamagara muri iri joro, ni Umwuka Wera. Ni Umuganga ukomeye w'Imana n'Umwigisha ukomeye.

9 Kandi nk'uko nateguye Ubutumwa bwanjye bw'uyu mugoroba, ndacyari ku nyigisho yo ku cyumweru, ko ari yo, banze Samweli hamwe n'Ijambo ry'Umwami, nuko bemera Sawuli, umuhungu wa Kishi, kandi banze Samweli, wari uhagarariye Umwuka Wera, kuko yavugaga gusa uko Umwuka wamuyoboye kuvuga. Ubwo yabahamagariraga gukurikira, yaravuze ati: "Mwibuke ko nta kintu nigeze mbabwira mu Izina ry'Uwiteka kitari icyo Uwiteka yabagejejeho. Nanjye sinigeze ngenda nabi imbere yanyu. Kandi nta muntu ushobora kunshinja icyaha."

Nk'uko Yesu yabivuze ati: "Ni inde ushobora kuncira urubanza?" Murareba?

10 Yongera kuvuga ati: "Sinaje iwanyu ngo mbasabe amafaranga n'ibindi. Nta kintu na kimwe nabatwaye. Ariko ibyo navuze byose byabagiriye akamaro, ibyo nababwiye bivuye mu kanwa k'Uwiteka."

11 Kandi abantu bose batanga ubuhamya, "Ni ukuri. Ibyo byose ni ukuri, ariko turashaka umwami. Turashaka kumera nk'abandi bose bo ku isi."

12 Noneho, iri joro, Ibyanditswe byacu biratwereka ko... Igitabo cy'Abefeso, ari Igitabo cya Yosuwa cy'Isezerano Rishya. Ni ukugabanya no gutondeka neza "abanesheje." Ubu rero, ni ukugira ngo tubanze dusobanukirwe n'imiterere y'ibintu mbere, mbere y'uko dutangira gusoma, uhereye ku murongo wa 3. Noneho, twasanze ku Cyumweru gishize nijoro ko... Imana mu Isezerano rya Kera yari yarahaye Isirayeli isezerano ry'igihugu cy'uburuhukiro, kubera ko bari barahindutse abagenzi n'abimukira. Kandi bari mu gihugu kitari icyabo, kandi Imana yari yarasezeranyije binyuze kuri Aburahamu ko bazatura...urubyaro rwe ruzamara imyaka magana ane mu bwoko bw'abanyamahanga, kandi rugirirwa nabi, ariko yabahaye ukuboko gukomeye, abajyana mu gihugu cyiza gitemba amata n'ubuki.

13 Kandi, ubu, igihe cy'amasezerano cyegereje, Imana yahagurukije umuntu kugira ngo abajyane muri kiriya gihugu. Ni bangahe mu ishuri uyu mugoroba bazi uwo...bazi uwo ari we? Mose. Mumenye, ikigereranyo nyacyo cy'Uwacu wahawe kutugeza mu Gihugu cy'isezerano, ni Kristo. Noneho dufite isezerano, kuko isezerano ryacu ari Ikiruhuko cyo mu buryo bw'umwuka, aho, icyabo cyari ikiruhuko cy'umubiri. Kandi rero bajya mu gihugu bashoboraga kuvuga bati: "Iki ni igihugu cyacu, ntabwo tukiri inzererezi, twatuje, iki ni igihugu cyacu, kandi hano ni ho turuhukira. Tuzatera ingano zacu, imizabibu

yacu, kandi tuzarya imbuto z'imizabibu yacu. Hanyuma nitumara gupfa, tuzabisigira abana bacu."

14 Yoo, ukuntu twashoboraga kwinjira mu gihugu cyayo, amategeko y'umurage, nka Nawomi na Rusi, Bowazi, kugarura ibyo byose, ukuntu mwene Data wo muri Isirayeli, uko agomba . . . ikintu cyose yari yatakaje cyagombaga gucungurwa n'umuvandimwe we. Mbega ukuntu ari byiza cyane! Byatwara ibyumweru n'ibyumweru n'ibyumweru, ku buryo tutazigera tuva kuri iki gice, kugira ngo tubigereho. Dushobora guhuriza hamwe Bibiliya yose hano, muri iki gice kimwe.

15 Kandi, yewe, nkunda kubyigaho. Twakundaga kugifata, tukagitwara umwaka n'igice, kandi nta gitabo na kimwe dusiga. mukomeze gusa mugifate neza.

16 Noneho, ariko, byari ikintu gikomeye cy'umurage, ukuntu byari bimeze bityo ko umurage mu gihugu nta wundi muntu washoboraga kuwucungura uretse umuvandimwe wa hafi. Noneho, reka mbagezeho akantu gato navuzeho mu ijoro ryakeye, kuri ba mama. Ni bangahe muri mwe hano basabiye ababo bakundaga, bitabye imana? Yemwe. Ni uko bimeze, murabona, "Umurage wanyu." Murabona?

17 Pawulo yabwiye Umuroma, ati: "Wizere Umwami Yesu Kristo, kandi wowe n'inzu yawe muzakizwa." Niba mufite kwizera guhagije konyine kugira ngo mubashe gukizwa, mugire ukwizera guhagije, uko uwo muhungu yaba ameze kose, cyangwa uwo mukobwa yaba ameze kose, bazakizwa uko byagenda kose. Mana yanjye, uko byagenda kose! Niba agomba kubaryamisha bagaramye, baryamye aho mu bitaro, benda gupfa, bazakizwa. Imana yarabisezeranyije. Umurage! Yoo! "Kandi bazaba bahari," Yesaya yaravuze ati: "n'urubyaro rwabo rwose ruri kumwe na bo. Ntabwo bizababaza cyangwa ngo bigire icyo birimbura ku musozi Wanjye wera wose, ni ko Uwiteka avuga."

18 Yoo, mfite ahantu hato nizeye ko nshobora kugera kuri uyu mugoroba, ku bwanyu. Gusa biragurumana mu mutima wanjye, ibyo biragaruka kuri ibyo.

19 Ariko noneho, dukomeze. None se mwabonye Mose, wa mukozi ukomeye w'ibitangaza wamanuye Isirayeli mu gihugu, maze akabageza mu gihugu cy'isezerano, ariko ntiyabashyiriyeho umurage wabo? Ntiyabahaye umurage wabo; ahubwo yabayoboye mu gihugu, ariko Yosuwa yabagabanyije igihugu. Si byo? Kandi Kristo yazamuye Itorero aho bari barahawe uburenganzira bwabo, bahawe Yorodani gusa kugira ngo bambuke, ariko Umwuka Wera ni We ushyira Itorero mu murongo. Yosuwa wo muri iki gihe ashyira Itorero mu buryo bwaryo, agaha buri wese impano, imyanya, n'igihagararo. Kandi ni We Jwi ry'Imana rivugana n'umuntu w'imbere Kristo yakijije, Umwuka Wera. None se murabyumva cyane? Noneho tugiye

kwinjira mu gitabo cy'Abefeso. Noneho, muri ubwo buryo, Arimo gushyira Itorero aho rigomba kuba. Noneho, Yosuwa yabashyize mu gihugu gisanzwe. Noneho Umwuka Wera arimo gushyira Itorero, mu mwanya Waryo, mu gihugu, kugira ngo, bajye mu mwanya bakwiriye, umurage wabo.

20 Noneho, ikintu cya mbere atangiriyeho hano, yanditse ibaruwa ye agira ati: "Pawulo, . . . " Ibyo, tugiye kumenya nyuma y'igihe gito ko ubu bwiru bwose bwamuhishuriwe, ntabwo ari muri seminari, ntabwo ari umuhanga mu bya tewolojiya, ahubwo kwari uguhishurirwa kw'Imana kw'Umwuka Wera Imana yahaye Pawulo. Azi ko ibanga ry'Imana, yavuze, ryari ryarahishwe kuva isi itarashyirwaho urufatiro, yari yarabihishuriwe n'Umwuka Wera. Kandi Umwuka Wera yari hagati y'abantu yashyiraga buri wese mu murongo, ashyira Itorero mu mwanya waryo.

21 Noneho, ikintu cya mbere Pawulo aheraho hano abwira abantu, ni ugufata ibyo byose . . . Mwibuke ko ibi ari iby'Itorero, ntabwo ari iby'abantu bo hanze. Ni amayobera ameze nk'ibisakuzo kuri we, ntashobora gusobanukirwa, birenze umutwe we, nta kindi azi kirenze ibyo. Ariko, ku Itorero, ni ubuki mu rutare, ni umunezero utavugwa, ni ibyiringiro by'umugisha, Ni inkingi y'ubugingo, ni ibyiringiro byacu n'aho duhagaze, ni Urutare rw'ibihe byose, yemwe, ni ibintu byose byiza. Erega ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo ry'Imana ntirizashira.

22 Ariko umuntu wo hanze ya Kanani ntacyo abiziho, aracyari mu rujijo. Simvuze ko atari umuntu mwiza, si ko mvuze. Simvuze ko uwo muntu n'iyo yaba ari muri Egiputa atari umuntu mwiza, ariko we . . . kugeza igihe azaba amaze kugera muri iki gihugu.

23 Kandi igihugu, cy'isezerano cyahawe Itorero si ubutaka karemano, ahubwo n'igihugu cy'umwuka, kuko turi abatambyi b'ubwami, igihugu cyejejwe. Hanyuma muri ubu butambyi bw'ubwami, ubwoko bwejejwe, ubwoko bwihariye, bwahamagariwe gusohoka, bwatoranijwe, bwatoranijwe, bwashyizwe ku ruhande, noneho isi yose yarangiritse. None twayobowe n'Umwuka. Abahungu n'abakobwa b'Imana bayoborwa n'Umwuka w'Imana; ntabwo ari kubw'umuntu, ahubwo ni kubw'Umwuka.

24 Byose byuzuye urukundo, ibintu byose byamaze gufungirwa hamwe. Ibi byageragejwe kwigishwa inshuro nyinshi, kandi nta gushidikanya ko abahanga mu bya tewolojiya bakomeye babishyize mu gaciro cyane ku buryo ntashoboraga kubigeraho. Ariko ikintu nshaka kugerageza kubabwira ni iki: ni uko muntu uri muri Kristo, hamwe n'Umwuka Wera, ashobora kwihanganira undi muntu iyo akoze ikosa; kwihangana, kwitonda, kwihangana; Ni umuntu mwiza, wicisha bugufi,

wizerwa, wuzuye Umwuka; ntabwo agira ibitekerezo bibi; ahora agira ibitekerezo byiza; ni umuntu utandukanye n'abandi.

25 Si umuntu gusa uvuga ati: "Twari tuwufite. Iyo twavuzaga induru, twari tuwufite, twebwe Abametodiste. Yoo, ubwo twasakuzaga, twari turi mu Gihugu." Ni byiza, ni byo, ndizera ko ari byo.

26 Hanyuma Abapentekote baraza bavuga mu ndimi, bati: "Barawufite; abantu bose bavugaga mu ndimi bari bawufite." Nanjye ndabyemera. Ariko twasanze benshi batari bawufite, murabona. Murabona? Noneho bari . . .

27 Ubu tugeze kuri iri banga rikomeye ryihishe ryahishwe kuva isi yashyirwaho urufatiro kandi noneho rihishurirwa abana b'Imana mu minsi y'imperuka. Mwizera ko ari ukuri, ko abana b'Imana bagaragaye? Mbere y'uko tugera ahantu hose, reka duhindukire tujye mu Baroma igice cya 8 umunota umwe gusa, reka ngire icyo nsoma. Murebe niba ibi ari byo bije ku byo mvuga hano. Noneho tugiye gufata Abaroma 8, umurongo wa 19 w'i— w'igice cya 8 cy'Abaroma:

> *Kuko ndetse n'*ibiremwa *byose bitegerezanyije amatsiko* . . . kugaragazwa *kw'abana b'Imana.*

28 Ibiremwa byose bitegerezanyije amatsiko ukugaragazwa. Murebe, ukugaragazwa! Kugaragazwa ni iki? Ni ukumenyekanisha!

29 Isi yose. Abamohamedi bari hakurya, barabishakishaga. Hirya no hino, ahantu hose, babishakisha. "Aba bantu bari he?" Twagize . . . Twagize umuyaga mwinshi uhuha cyane, twagize inkuba n'imirabyo, twagize amavuta n'amaraso, Twagize ubwoko bwose bw'ibintu, ariko twananiwe kumva iryo Jwi rito rituje ryakuruye umuhanuzi ryamwambuye ikanzu ye maze agasohoka, akavuga ati: "Ndi hano, Mwami." Murabona?

30 Ubu ibyaremwe byose biranihira kandi bitegereje kugaragazwa kw'abana b'Imana. Noneho, Pawulo agiye gushyira Itorero imbere aho rigomba kuba. Noneho kugira ngo tumenye amakuru y'ibyabaye, reka twongere dusome:

> *Pawulo, intumwa ya Yesu Kristo ku bushake bw'Imana, ku bera* (abo ni "abera") *bari muri Efeso, kandi . . . abizera muri Kristo Yesu:*

31 Noneho, kugira ngo itsinda ritabyibagirwa, twinjira dute muri Kristo? Ese twifatanya n'itorero kugira ngo twinjire muri Kristo? Ese dukora umwuga kugira ngo twinjire muri Kristo? Ese twinjizwa mu mazi kugira ngo twinjire muri Kristo? Ni gute twinjira muri Kristo? Abakorinto ba mbere, igice cya 12, "Kubw'Umwuka umwe," umwe, U-m-w-u-k-a wuzuye, ari wo Umwuka Wera, "twese twabatirijwe mu Gihugu cyasezeranijwe."

32 Muri iki gihugu cyasezeranijwe, byose ni ibyacu, mu gihugu cyasezeranijwe. Urabibona, Mwenedata Collins? Murareba, ibintu byose biri mu Gihugu cyasezeranijwe! Igihe Isiraheli yambukaga hakurya ya Yorodani, ijya mu gihugu cyasezeranijwe, yararwanye kandi itsinda buri kintu cyose!

33 Noneho nimwibuke, muri iki Gihugu cyasezeranijwe, ibyo ntibisobanura ko ukingiwe indwara, ibyo ntibivuze ko utazahura n'ibibazo. Ariko ibi bisobanura ko (Yoo! Reka ibi byinjire neza mu mutima wanyu.), bivuga ko, ari ibyanyu! Muhaguruka mubifate! Murabona? Igihe . . .

34 Kandi, mwibuke, uburyo bwonyine Isirayeli yigeze kubura umuntu, ni igihe icyaha cyageraga mu nkambi. Ubwo ni bwo buryo bwonyine dushobora gutakaza i—intsinzi, ni uko icyaha cyinjira mu nkambi, hari ikintu kitagenda neza ahantu runaka. Igihe Akani yibaga icyo gitambaro n'umwenda w'Abanyababiloni, icyaha cyinjiye mu nkambi, maze intambara igenda nabi.

35 Wampaye iri—iri torero iri joro, iri tsinda ry'abantu, neza, mu masezerano y'Imana, hamwe n'Umwuka Wera, agendagenda mu Mwuka, Ndacyaha indwara iyo ari yo yose cyangwa imibabaro, cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose kiri hano, buri Joe Lewis uri mu gihugu, hamwe n'ubuhemu bwe bwose, n'abatizera bose bahari, kuzana indwara iyo ari yo yose cyangwa imibabaro yo muri uyu muryango, maze baze gusohoka hano bakize neza. Yego, mugenzi. Imana yatanze isezerano, icyaha cyo kutizera ni cyo cyonyine gishobora kurikuraho. Noneho tugiye kugera ku cyo iki cyaha gito ari cyo, nyuma y'igihe gito. Ubungubu:

> . . . ibyo biri *muri Kristo Yesu:*
>
> *Ubuntu n'amahoro bibe* kuri *mwe biva ku Mana Data wa twese no . . . ku Mwami Yesu Kristo.*
>
> *Imana Se w'Umwami wacu Yesu Kristo nisingizwe, Yo* yaduhereye *imigisha yose yo mu mwuka mu ijuru muri Kristo, muri—muri Kristo:*

36 Iyo turi muri Kristo, tugira imigisha yo mu mwuka. Hanze ya Kristo, tugira amarangamutima. Muri Kristo dufite imigisha myiza. Si ukuyiyitirira, si amayeri, si ukuyishyiraho. Ariko igihe cyose ugerageza kuvuga ko uri mu gihugu cy'isezerano, kandi utari mu gihugu cy'isezerano, ibyaha byawe bizagusanga hanze. Kandi, ikintu cya mbere umenya, uzisanga uri umuhemu kandi—n'ibindi byose, nk'uko tubyita mu isi, wacitse intege. Uzasanga nta cyo ufite cyo kuvuga. Ariko iyo uri muri Kristo Yesu, agusezeranya amahoro yo mu Ijuru, imigisha yo mu Ijuru, Umwuka wo mu Ijuru, byose biba ari ibyawe. Uri mu gihugu cy'isezerano kandi ufite byose byuzuye. Amina. Mbega ukuntu ari byiza! Yoo, reka tubyige:

> *Nk'uko yadutoranije . . .*

37 Noneho, aha ni ho itorero rigwa cyane.

Nk'uko yadutoranije muri we. . .(Muri nde?) muri Kristo.

38 Tumenye noneho, ko mu—mw'Itangiriro no mu Byahishuwe, Ibyahishuwe 17: 8, ibyo Yaduhaye muri Kristo mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro. Noneho, ijambo. . .Reka dusome bimwe bikurikira:

. . .*urufatiro rw'isi, kugira ngo tube abera kandi tutagira umugayo imbere Yayo*. . .

Twatoranyijwe mbere. . .

39 Noneho ndashaka guhagarara kuri iryo jambo ngo "abatoranyijwe mbere." Noneho, gutoranywa mbere y'igihe si ukuvuga ngo: "Nzahitamo Mwene Data Neville, hanyuma njye—njye—njye—njye—njye sinzahitamo Mwene Data Beeler." Si ibyo gusa. Ni ukumenya mbere y'igihe kw'Imana kwamenyaga icyari kuba cyiza n'ikitari kuba cyiza. Ku bw'ibyo, kumenywa mbere, Imana iba izi icyo Ishaka gukora, Yagennye mbere y'igihe, ikurikije ubushobozi Bwayo bwo kumenya ibizaba, kugira ngo byose bikorane ku bw'ineza y'abakunda Imana, kugira ngo, mu gihe kizaza, Ishobore guhamagara byose mu Bumwe, ari bwo Kristo Yesu.

40 Reka mbahe urugero ruto hano. Ni byiza. Turasubira inyuma, ndizera ko nabivuzeho gato mu ijoro ryakeye, cyangwa mbikomozeho, mu Itangiriro, igice cya 1, 1:26, ubwo Imana yise Izina Ryayo, "Uwiteka Imana," riri mu ijambo rya El, Elah, Elohimu, bisobanura ngo: "Iriho ku Bwayo." Nta kindi kintu cyariho uretse Yo. Nta mwuka wari uhari, nta rumuri rwari ruhari, nta nyenyeri zari zihari, nta si yari ihari, nta kintu cyari gihari. Yari Imana, kandi Imana yonyine, El, Elah, Elohimu. Noneho, ni Yo yabikoze.

41 Imbere muri ibyo harimo imico yasobanuraga ko Yari. . . Imbere muri uyu El ukomeye, Elah, Elohim yari afite imico cyangwa. . .Uzi icyo *imiterere* ari cyo, cyangwa reka mvuge gutya, yari "kamere." Ni ukugira ngo umwana muto abigereho, kandi ndi umwe mu bana bato bagomba kubibona gutyo. Imbere muri Yo hari harimo kamere yo kuba Data, ariko Yo yibeshejeho ubwyo, nta kintu na kimwe Cyayo cyashobora kuba Data. Kandi, noneho, imbere muri ibyo hari harimo ikindi kintu, ko Yari Imana; kandi imana ni ikintu cyo gusengwa; ariko Yari yibeshejeho ubwayo, El, Elah, Elah, Elohimu, bityo nta kintu na kimwe cyo kuyiramya cyari gihari. Imbere muri ibyo, Yari Umukiza, kandi nta kintu na kimwe cyatakaye gishobora gukizwa. Murabona? Imbere muri ibyo, yari Umuganga, murabona, ariko nta kintu na kimwe cyari kirwaye cyagombaga gukizwa indwara, nta kintu cyari kirwaye. None se murabyumva? Rero imico Yayo, kamere Yayo ni byo byatanze ibyo turimo uyu munsi.

42 Abantu bamwe baravuga bati: “Ni byiza, kuki Imana yabihagaritse mu ntangiriro?” “Yari ifite umutima w’ubugome,” ibyo byavuzwe na Joe Lewis, wa wundi wamaganye Joe, cyangwa se Jack Coe, murabizi. Yaravuze ati: “Yari ifite umutima w’ubugome gusa. Nta kintu kimeze nk’Imana kibaho. Iyo haba ikintu nk’iki, yari kuba . . . ” Yoo, njye . . . nayise amazina y’ubwoko bwose, murabona. Ariko ni ukubera ko ashobora kuba afite ubumenyi bwinshi *hano* hejuru, ariko nta kintu na kimwe afite *hano* hasi.

43 Noneho, ibyo, ni ho biri. Murabona? Iri Jambo rirabivuga hano, kandi Yarabihishe. Kandi aya mayobera ubu yarahishwe, mwibuke, Bibiliya yaravuze iti: “Kuva isi yaremwa, ntegereje kwigaragaza kw’abana b’Imana,” kugira ngo mbereke itorero. Yoo, mbega! Murabyumva?

44 Noneho ndahagarara gato ku nkuru yanjye, cyangwa ndazana . . . ndajya ku gitekerezo cyanjye gikurikira kugira ngo mumenye ibi. Noneho mwibuke, mu bihe byose bya Mose, mu bihe byose by’abahanuzi, mu bihe byose, Barategereje kugeza muri iyi minsi ya nyuma kugira ngo ibi bintu byerekanwe, nk’uko Ibyanditswe Byera bibivuga. Ni byo koko, kugira ngo bihishurirwe abana b’Imana. Kubera iki? Kuva ku bazimiye . . . kugeza nk’uko piramide, nk’uko nabivuze, irushaho gufungana, gufungana, gufungana.

45 Nk’uko nakunze kuvuga ibi, nkongera nkabivuga, Imana yakoze Bibiliya eshatu. Iya mbere, Yayishyize mu kirere, zodiyaki. Wigeze ubona zodiyaki? Ni iyihe shusho ya mbere iri muri zodiyaki? Umwari. Ni iyihe ya nyuma muri zodiyaki? Leo intare. Yaje bwa mbere ku mwari w’inkumi, aza bwa kabiri nk’Intare yo mu muryango wa Yuda. Murabona?

46 Yakoze ikurikira muri piramide, mu gihe cya Henoki, ubwo bakoraga piramide. Kandi barabipima. Simbisobanukiwe. Ariko ku ntambara, aho bapfukama bakajya ku mavi igihe kirekire, kandi bakabasha gupima intera y’intambara. Muzi aho bapimira ubungubu? Mukurikire inzira inyura mu cyumba cy’umwami. Kandi ubwo iyi piramide yazamukaga . . . Ntitwashoboraga kuyubaka, hamwe n’ibyo dufite uyu munsi. Ntitwashoboraga kuyubaka.

47 Yubatswe neza nka *gutya*, kugeza ku kadomo. Kandi ibuye ryo ku . . . Ibuye ry’agasongero ntiryigeze riboneka. Ntibigeze bashyira umupfundikizo hejuru ya piramide. Sinzi niba mubizi cyangwa mutabizi, piramide nini yo mu Misiri, ntiyigeze igira ibuye ry’agasongero. Kubera iki? Ibuye ry’agasongero ryari ryaranzwe, Kristo, Ibuye ry’agasongero, murareba, ryaranzwe.

48 Ariko uko tugenda dukura mu gihe cy’Abaluteriyani, igihe cy’Ababatisita, Igihe cya Metodisiti, igihe cya Pentekote, ubu tugeze ku Ibuye ry’umupfundikizo, murabona, murategereje kandi murifuza ko iryo buye ripfundikira rishyirwaho, inyubako

ikaba yuzuye. Ese ntimwasomye mu Byanditswe Byera ngo "Ibuye ryanzwe"? Birumvikana ko twamenye ko ibyo byavugaga ku rusengero rwa Salomo. "Ariko Ibuye ryanzwe ryabaye Irikomeza imfuruka." Kandi ndabivuga kugira ngo mbahe i—i—i—ishusho.

49 Ubu, kandi muri Bibiliya, turi mu minsi y'imperuka, hejuru ya piramide, amafi yaciwe yo mu gihe cya kanseri muri zodiyaki, mu gihe cyo kuza kwa Leo intare, mu ibuye ry'agasongero, no mu gihe cyo kugaragazwa kw'abana b'Imana, muri Bibiliya, murabona. Murabona aho tugeze? Turi mu gihe cy'imperuka.

50 Ni bangahe basomye iki kinyamakuru muri iki cyumweru, ibyo Khrushchev n'abandi bavuze? Yoo, bariteguye; natwe turiteguye. Amina. Bariteguye! Byose biratunganye, murareba. Yoo, mbega—mbega—mbega amahirwe, mbega igihe! Iyaba Abakristo bashoboraga kumenya igihe turimo! Mbega!

51 Mutekereza iki? Umwanditsi w'iki gitabo, wabibonye, kandi akabona aho bizagaragarira mu minsi y'imperuka, bategereje kandi banihira abo bana b'Imana bazazuka mu minsi y'imperuka, n'imbaraga z'Umwuka Wera mu bihe bya nyuma, kugira ngo zihishure ibintu by'ibanga kuva isi yaremwa, kugira ngo zibigaragaze.

52 Noneho reka twongere dusubire ku "rufatiro rw'isi", kugira ngo tubone ihishurirwa, turebe niba turi mu kuri cyangwa atari ko biri. Nizeye ko ntazigera nigira umuntu usuzugura Imana mu kwita Imana "Data," ariko ndashaka kubivuga gutya kugira ngo mubyumve. Papa! Papa yashakaga abana, none se yakoze iki? Yaravuze ati: "Habeho Abamalayika." Nuko baza bamukikije. Yoo, ni byiza. Baramuramya, Kandi Yari Imana, ibiyiranga. Mwibuke ko yari El (E-l), Elahi, Elohimu, uwibeshejeho, nta kindi uretse We. Ikintu cya mbere cyabayeho ni Abamalayika. Icyo gihe, Abamalayika nta kindi bashoboraga gukora uretse kuramya. Ntibashoboraga kuzimira. Rero, ntibashoboraga kurwara, bari ibiremwa bidapfa. Rero, ntiyashoboraga kwerekana imbaraga Ze zo gukiza, ntiyashoboraga kwerekana agakiza Ke. Noneho rero, mbere y'uko, reka . . .

53 Hanyuma nyuma y'ibyo, yaravuze ati: "Tuzakora ikintu gifatika." Nuko Arema isi. Kandi ubwo Yaremaga isi, Yaremye n'ibiremwa byose byo ku isi, hanyuma Arema umuntu. Ikintu cyose kizamuka kiva mu butaka, gitangirana n'u—umuhini cyangwa jelifishi, ikintu kimeze nk'inyama ireremba hejuru y'amazi, Bavuga ko byahereye aho, bigana . . . kuva kuri ibyo bigana ku gikeri, ari na cyo kintu cyo hasi cyane dushobora kubona, bavuga ko, ari igikeri. Ubwoko bwo hejuru cyane cyane ni umuntu. Bivuye ku gikeri byatangiye kugera ku muserebanya, biva ku muserebanya bigera ku bindi nuko bikomeza bityo, kandi igihe cyose Umwuka Wera yatangiraga "whooosh,"

guhumeka, ubuzima bwongeye kugaruka; "whooosh," ubuzima bukomeye. Kandi ikintu cya mbere, ikintu cyavutse mu ishusho y'Imana, uwo yari umuntu. Nta kindi kintu cyigeze kibaho, ntikigeze kibaho, nta kizongera kuremwa ukundi, ikintu cyose kiruta umuntu, kubera ko umuntu ari mw'ishusho y'Imana. Murabyumva?

54 Hanyuma umuntu, ubwo Yaremaga umuntu Wayo wa mbere, icyo gihe, ubwo yaremaga ibiremwa Byayo by'Abamalayika, Yaremye umuntu, "Yabaremye ari umugabo n'umugore," bose mu buryo bumwe. Yari umugabo n'umugore icyarimwe, igitsina gore n'igitsina gabo icyarimwe. Ubwo Yaremaga Adamu ikamushyira mu mubiri, mwibuke, mu Itangiriro 1, Yaremye umugabo n'umugore, kandi mu Itangiriro 2, nta muntu wari uhari wo guhinga ubutaka, umuntu w'umubiri ugaragara. Nta muntu washoboraga gufata ikintu icyo ari cyo cyose ngo ahinge ubutaka, ariko hariho umuntu mu ishusho Yayo. "Kandi Imana ni . . . " [Itorero riravuga riti: "Umwuka."—Ubwanditsi.] Ni byo. Murabona? Yaremye umuntu wa mbere, "umugabo n'umugore ni Yo wabaremye." Noneho, ubwo yaremaga umuntu wa mbere . . .

55 Noneho, nimwibuke ko byose hamwe yari Ibifite mu bitekerezo Byayo. Kandi ku Cyumweru nijoro ibyo nabinyuzemo. I-ijambo ni igitekerezo cyavuzwe. Imana yatekereje uburyo Yashoboraga kuba Imana, uburyo Yashoboraga gusengwa, uburyo Yashoboraga kuba Ukiza indwara, uburyo Yashoboraga kuba Umukiza; kandi Ikimara kuvuga Ijambo, byararangiye burundu. Yoo, niba aba bana b'Imana ubu bashoboraga gufata iryo Jambo gutyo gusa! Iyo Imana ivuga Ijambo, riba rirangiye! Yego rwose! Ishobora kuba yarategereje . . . Imiterere y'ibihe ivuga ko, cyangwa umuhanga mu by'amateka n'abandi, bavuga ko wenda isi imaze imyaka miliyoni na miliyoni na miliyoni. Simbizi, bishobora kuba byaratwaye imyaka ya za tiriyari na za tiriyari. Sinzi igihe byamaze. Imana ntigengwa n'ibihe. Nta munota n'umwe wagabanutseho ugereranije n'igihe Yabivugaga. Imana ihora ari Imana. Nta gihe Igira.

56 Sinigeze mbimenya gutyo kugeza mu ijoro ryakeye, mu gitondo gishize. Ihoraho, nta ejo hashize, nta ejo hazaza, byose ni ubu. Ese mwigeze mubona ijambo "NDIHO"? Ntabwo ari "Nari," cyangwa "Nzaba," ni ibihe bidashira, "NDIHO," murareba, "NDIHO," buri gihe.

57 Noneho, ariko yashakaga gushyiraho ibintu ku gihe. Yagombaga kurema ikintu cyo gusengwa, bityo imico Yayo ni yo yabikoze. Ubwo irema uwo muntu. Hanyuma, muri uyu muntu, yasaga n'uwigunze. Noneho rero, kugira ngo yerekane ubwenge Bwayo bukomeye, icyo Yari ifite mu ishusho ya Kristo n'Itorero, Ntiyafashe ikindi gice cy'ibumba maze ngo ibumbe umugore, ahubwo mu ruhande rumwe rwa Adamu, yakuyemo urubavu; maze ifata kup mwuka wa Adamu, uw'igitsina gore, iwushyira

muri uru rubavu. Iyo ubonye umugabo witwara nk'ikigwari, hari ikintu kiba kitagenda neza. Kandi iyo ubonye umugore ashaka gukora nk'umugabo, haba hari ibitagenda neza. Murareba, hari ibitagenda neza. Ni imyuka ibiri itandukanye, yose hamwe. Ariko, hamwe, bakora ikintu kimwe, "aba bombi ni bamwe." Rero yaremye umugore n'umugabo, kandi ntibigeze basaza, ntibigeze bapfa, ntibigeze bamera imvi, ntibazigera na rimwe. Bararyaga, baranywaga, bararyamaga, nk'uko natwe tubikora, ariko ntibigeze bamenya icyo icyaha ari cyo.

58 Noneho nzanyuramo kugira ngo mbahe irindi somo rimwe, ku rubyaro rw'inzoka. Iryo, bansabye kuribibutsa. Ariko reka ndebe umuntu uza akanyereka ikintu gitandukanye. Ni cyo nshaka kumenya, murareba.

59 Noneho, ariko nyuma y'ibi byose, igihe icyaha cyinjiye, ni iki kiba?

60 Hejuru kure, hejuru, kilometero miliyoni, miliyoni ijana, Hari ahantu *aho* hanini cyane, kandi ni urukundo rwiza rwa agapao. Igihe cyose uteye intambwe muri *ubu* buryo, bigabanukaho santimetero imwe. Kandi muzi ukuntu byaba bito cyane igihe byaba bigeze ku isi. Ni igicucu cy'igicucu cy'ibicucu. Ni cyo ufite, ni cyo mfite, igicucu cy'igicucu cy'urukundo rwa agapao.

61 Hari ikintu muri wowe, hano hari ikintu muri buri mugore ufite imyaka makumyabiri, Hari ikintu muri buri mugabo uri hano urengeje imyaka makumyabiri, cyakwifuzwa kugumaho. Ufite imyaka itanu gusa, ni ukuvuga kuva kuri cumi n'itanu kugeza kuri makumyabiri. Nyuma ya makumyabiri utangira gupfa. Ariko, kuva ku myaka cumi n'itanu, uba uri umwana w'ingimbi gusa kugeza icyo gihe. Hanyuma ugera ku myaka makumyabiri. Kandi nyuma y'imyaka makumyabiri, yoo, uravuga uti: "Ndi umugabo mwiza nk'undi wese." Uvuga utyo gusa, ariko ntabwo uri we. Urimo gupfa kandi urimo gushya, uko wakora kose. Imana yakuremye kugeza kuri iyo myaka, ariko nyuma uzapfa. None se bigenda bite? Noneho utangiye gupfa, ariko iyo uyigezemo hari ikintu kikubwira kiti: "Ndashaka kongera kugira imyaka cumi n'umunani."

62 Noneho ndashaka kukubaza ikintu. Bite se uramutse waravutse mu myaka magana atanu ishize, kandi ukaba ugifite imyaka cumi n'umunani kugeza uyu munsi? Iyo utaza kuba uwakera, bitewe n'ibitekerezo byawe byo mu myaka magana atanu ishize! Mbere y'uko ababyeyi b'abimukira baza hano, kandi wari umukobwa muto ufite igitekerezo nk'icyo. Byaba byiza ukomeje gusaza ukabaho imyaka magana atanu. Urabona, haba harimo ikibazo.

63 Uravuga uti "Noneho, ubu ndumva meze neza cyane, Mwene Data Branham. Yoo, mfite—mfite—mfite imyaka cumi n'umunani, mfite imyaka cumi n'itandatu, ndumva meze neza."

Mukundwa, reka nkubwire ikintu. Wamenya ute ko mama wawe ari muzima muri iki gihe, niba atari muri uru rusengero? Wamenya ute ko umukunzi wawe atishwe mu minota mike ishize, cyangwa umukobwa wawe? Wamenya ute ko mu gitondo utazaba uri umurambo mu nzu yawe? Wamenya ute ko ugiye kuva mu rusengero muri iri joro, uri muzima? Ni ibintu bidasanzwe. Nta kintu na kimwe gihamye. Niba ufite imyaka cumi n'itanu, cumi n'ibiri, cumi n'icyenda, mirongo irindwi n'itanu, cyangwa mirongo icyenda, byose ntibizwi neza. Ntuzi aho uhagaze. Ariko wifuza gusubira inyuma kuri cumi n'itanu, cumi n'umunani. Ni iki gituma ubikora?

64 Noneho, niba usubiye mu myaka cumi n'umunani ukagumayo, ntiwigere urwara cyangwa ngo ube . . . Byagusaba kuba uri kumwe n'abandi bantu, kuko hari igihe wazaba mukuru cyane ukabirenga, urabona. Abantu bakomeza kubaho mu bihe bizaza, naho wowe ukaba wafatwa nk'uwa kera cyane. Waba mubi kurusha uko wari kuba umeze uramutse usazanye na bo. Ariko hari ikintu gisaba ko uba uhari. Ibyo ni ka agapawo gato, icyo gicucu gito kigutera . . . Ikintu kiri hejuru hano.

65 Noneho, mu ijoro ryakeye, cyangwa mu gitondo gishize, saa munani, Ubwo Umwuka Wera, ku bw'ineza Ye n'ubuntu Bwe, yankura muri uyu mubiri, ndabyemera, ndabyemera. Yego cyangwa oya, simvuze, rero ninjiye muri icyo gihugu maze mbona abo bantu, kandi bose bari bakiri bato. Nabonye abantu beza ntigeze mbona mu buzima bwanjye. Maze Arambwira ati: "Bamwe muri bo bari bafite imyaka mirongo cyenda. Ni abahindukiriye inyigisho zawe. Ntibitangaje kuba basakuza bati: 'Mwene Data! Mwene Data!'"

66 Noneho, uwo ni umubiri wo mu ijuru, iyo dupfuye ntiduhinduka abazimu, duhinduka umubiri. Niba dushaka ko, buri wese, apfa, niba igisasu cya kirimbuzi kiduturikanye kuri uyu munota, Mu minota itanu uhereye ubu twaba duhana ibiganza kandi duhoberana, kandi turangurura duhimbaza Imana! Yego mugenzi. Kandi Mwene Data na Mushiki wajye Spencer bicaye hano, ndakeka ko ari bamwe mu bashakanye bakuze hano, bazagira imyaka cumi n'umunani, makumyabiri. Mwene Data Neville yaba akiri umwana muto, nanjye nkaba nkiri umwana muto. Kandi twese twaba . . . Uko ni ko kuri rwose. "Niba iri hema ryo mu isi risenyutse, dufite irindi ridutegereje."

67 Iyo umwana muto avuye mu nda ya nyina, nk'ivuka risanzwe, umubiri we muto ugenda uhindagurika, amaguru agasimbagurika, n'ibindi. Mumbabarire imvugo, mwa nkumi mwe. Ariko, iyo bibaye, imitsi y'ubuzima irahungabana. Ariko iyo ageze ku isi, ikintu cya mbere, abanza guhumeka, kandi hariho umubiri w'umwuka w'umwimerere uza muri uwo mwana ako kanya. Mubyihorere, arashakisha n'umutwe we muto agafata ibere rya nyina maze agatangira konka. Bitabaye ibyo, n'amashereka ntiyabasha kuza.

68 Ese mwigeze mubona inyana iyo ivutse,. . . ikimara kubona imbaraga zihagije zo guhaguruka n'amaguru yayo? Ni nde uyibibwira? Igenda yegera nyina, igatangira gushishoza maze igatangira konka. Yego rwose!

69 Kubera ko, iyo uyu mubiri wo ku isi uje hano, haba hari umubiri w'umwuka uwutegereje. Kandi nk'uko ibi. . . Yoo, haleluya! "Kandi iri hema ryo mu isi dutuyemo niriramuka risenyutse, hari irindi ridutegereje hariya." Tukimara kuva muri iri, twinjira muri iryo rindi; umuntu udashaka amazi yo kunywa akonje, nta n'impamvu aba afite yo kunnywa amazi; umuntu utarya, ntabwo aba yaraturutse mu mukungugu w'ubutaka. Ariko ni ukuri gusa, kandi bashobora gukorakoranaho no guhana ibiganza, kandi bafite urukundo gusa byose biba bitunganye. Kandi uwo mubiri utegerereje hariya. Ni igice cyawo. Hariho batatu muri bo.

70 Utangirira Ubuzima bwawe bw'Iteka hano ku gicaniro. Aha ni ho nyine utangirira Ubuziraherezo. Yoo! Utangira ubuzima buhoraho hano. Hanyuma uvuka ubwa kabiri, umwana w'Imana. Hanyuma iyo upfuye, utangira. . . Iyo urupfu rwawe rukugezeho muri uyu mubiri umutima ukareka gutera, maze ibiziga bipfa bigatangira guhagarara, icyo gicucu gito cyari igicucu cy'igicucu, Mu isegonda rimwe kiba igicucu cy'igicucu, hanyuma igikurikiraho kigahinduka igicucu, hanyuma igikurikiraho kigahinduka agace gato k'amazi, hanyuma igikurikiraho kigahinduka umugezi, hanyuma igikurikiraho kigahinduka uruzi, hanyuma igikurikiraho kigahinduka inyanja, hanyuma nyuma y'igihe gito uhagarara imbere y'abakunzi bawe bahagaze hariya, wambaye imyenda y'umubiri wo mu ijuru, kugira ngo mumenyane, mukundane, mwasubiye kuba abasore n'inkumi. Ni byo rwose. Bategerereza aho kugeza igihe Umwami Yesu azazira. Kandi umunsi umwe uwo mubiri We w'ubwiza. . . Noneho mwibuke, uwo ni umubiri wo mu ijuru, ntabwo ari umubiri w'ubwiza, ni umubiri wo mu ijuru. Kandi umunsi umwe uwo mubiri wo mu ijuru uzava mu Ijuru uri kumwe na Yesu.

71 "Kuko mbibabwiye," Abatesalonike ba Kabiri, igice cya 5, cyangwa Abatesalonike ba Mbere, igice cya gatanu, kimwe cyangwa ikindi, "Ndababwiye nti: Sinshaka ko muba injiji, bene Data, ku byerekeye abasinziriye, ntimukagire agahinda nk'abandi badafite ibyiringiro. Kuko niba twemera ko Kristo yapfuye akazuka ku munsi wa gatatu, ni ko n'abasinziriye muri Kristo Imana izabazanana na We. Kuko tubabwira ibi dukurikije amategeko y'Umwami, ko twebwe abazaba bakiriho, basigaye kugeza igihe Umwami azazira, tutazababanziriza cyangwa ngo tubabangamire" (ijambo ryiza cyane) "Kubangamira abo basinziriye. Kuko impanda y'Uwiteka izavuga, maze abapfiriye muri Kristo bazabanza bazuke." Iyi mibiri yo mu ijuru izamanuka yambare imibiri yo mu isi, ifite ubwiza. "Kandi

twebwe abazaba bakiriho, tuzahindurwa mu kanya gato, mu kanya nk'ako guhumbya, maze tuzamuranwe na bo, gusanganira Umwami mu kirere."

72 "Sinzongera kunywa ku mbuto z'imizabibu, cyangwa ngo nongere kuziryaho ukundi kugeza igihe nzarira bundi bushya hamwe namwe mu Bwami bwa Data," Ifunguro ry'Ubukwe. Mu gihe cy'imyaka itatu n'igice, antikristo arangije ingoma ye, isi yose ikarimburwa, Abayahudi barahamagawe, Yosefu yimenyekanishije ubwe ku banyamahanga, cyangwa ku Bayahudi. Mwibuke, igihe Yozefu yimenyekanishaga kuri bene se, nta Muntu wari uhari. Ubwo yoherezaga . . . Inkuru murayizi. Ubwo Yozefu, ishusho itunganye ya Kristo, mu buryo bwose. Ubwo Yozefu yatumwagaho abavandimwe be, baramanutse, maze arareba abona Benyamini muto, maze ababona ahongaho hanyuma we . . . Baravuze bati: "Kubera iki uyu musore! Twebwe—ntitwari dukwiye kwica umuvandimwe wacu, Yozefu." Abayahudi babonye ko bakoze ikosa; none ubwo Kristo, yari arimo kwimenyekanisha kuri bo. Kandi Yozefu yari yuzuye cyane, byabaye ngombwa ko arira, hafi, nuko yirukana umugore we n'abana be, n'abarinzi bose n'ibindi byose, maze abohereza mu ngoro. Ni byo rwose. Hanyuma, ari wenyine imbere y'Abayahudi, yaravuze ati: "Ndi Yozefu, mwene So. Ndi mwene So." Hanyuma bitura hasi batangira guhinda umushyitsi, baravuga bati: "Noneho turagowe, kuko twishe mwene Data. Twavuze ko twishe mwene Data, none ni we mwami ukomeye."

73 Yaravuze ati: "Imana yabikoze ifite intego, kugira ngo irokore ubuzima." Ni yo mpamvu Imana yabikoze, kugira ngo idukize twebwe abanyamahanga. Ariko abanyamahanga bari bageze ngoro. Haleluya! Amaze kwangwa na bene se, Yozefu, Yakiriye Umugeni; kandi Umugeni yari Umunyamahanga, ntabwo yari Umuyahudi. Ni byo.

74 Noneho, ubu muragana he? Nyuma y'uko twambaye uyu mubiri w'ubwiza, n'igihe gikomeye kigiye kuza; Ubwo uyu mubiri w'ubwiza, uyu mubiri wo mu ijuru wagizwe umubiri w'ubwiza. Ubu muracyumva icyo nshaka kuvuga? Noneho nshobora kugenda nkavuga nti: "Mwene Data Neville!" Reka mbahe urugero ruto. Nkavuga nti: "Mwene Data Humes, reka tujye kwa Papa muri iki gitondo." Ni Imana. Noneho ubu turayizi, Ni Umukiza, Ni Ukiza indwara.

75 Nta kintu na kimwe nk'icyo cyigeze kibaho nk'iremwaa ry'icyaha. Ibyo ntibyashimishije abantu, si byo se? Icyaha ntabwo ari ikiremwa. Oya, mugenzi! Icyaha ni ukugoreka. Hariho Umuremyi umwe gusa, ari we Imana. Icyaha ni ugukiranuka kugoretse. Ubusambanyi ni iki? Gukiranuka kugoretse. Ikinyoma ni iki? Ukuri kwerekanwe nabi. Rwose. Ijambo ni iki? Ni imigisha y'Imana ihindukiza ijambo ry'Imana, aho kuba umugisha. Icyaha ntabwo ari ikiremwa. Icyaha ni

ukugoreka. Rero, Satani ntashobora kurema icyaha, agoreka ibyo Imana yaremye. Ni byo rwose. Urupfu ni ukugoreka ubuzima gusa.

76 Noneho, nimwitegereze ibi—nimubyitegereze. Hanyuma nzagenda, maze mvuge nti: "Mwene Data Humes, reka njye nawe, hamwe na Mwene Data Beeler na bamwe mu bavandimwe, tuzazamuka tujye kwa Data Imana. Nuko, baravuga ngo, reka dufate urugendo ruto. Mwa bahungu mwe mwakundaga imisozi igihe . . . "

"Yego rwose twarabikoze."

77 "Yoo, hari za miliyoni ebyiri z'ibirometero hirya muri iyo si nshya. Genda rero, ubyigenderemo uko ushaka."

78 "Ngomba . . . ? . . . ku zuba buri munsi, kuzamuka hejuru. Nzakumva. Bakivuga, nanjye nzakumva." Yesaya 66. Nibyo.

79 Kandi murabizi, ndagenda nyuzeyo twese hamwe tugenda tunyuzeyo mu gihe cy'imyaka igera kuri magana atanu, urugendo rugufi, imyaka miliyoni, ntugire icyo uhindura, murareba. Noneho—noneho ibyo bisa nk'ibisazi, ariko ni ukuri. Murabona, ni ukuri, kuko nta gihe gihari, ni Ubuziraherezo. Kandi iyo ngiye hanze, njyayo nyuzeyo, kandi muzi uwo njye—njye—njye mpurirayo nawe ahongaho? Ndavuga nti: "Niba nta Mushiki wacu Georgie Bruce uhari! Ni byo, Mushiki wacu Georgie, hashize igihe kinini ntakubona." Asa neza nk'uko asanzwe asa. Murabona? Ashobora kuba afite imyaka miliyoni icumi, ariko akiri muto nk'uko yahoze. Yabaga arimo gushwaratuza inzara ku mugongo w'umuntu, maze ndebye, mbona ni Cheetah, intare.

Ndavuga nti "Umeze ute muri iki gitondo, Cheetah?"

80 "Nyaahu," nk'injangwe. "Oh, nari ndi hano mvugana na bamwe muri bashiki bacu bari hafi y'umurima munini w'indabo hariya hepfo, tumaze imyaka igera kuri magana atanu, murareba, twitegereza hirya no hino." Noneho, ibyo bisa n'ibidasanzwe, ariko ni ukuri. Uko ni ko kuri neza neza. Uko ni ko Imana yabigennye.

81 Ni byiza, umutima wawe uhabwe umugisha, Mushiki wacu Gertie. Nta kibi gishobora kukugeraho, nta na kimwe. Mu gihe cyo ku mugoroba tuzazamuka tugere hejuru ku gasongero k'umusozi, maze tuvuge tuti: "Mana Data, nari narazimiye. Yoo, nari mu ivu ry'icyaha, Data Mana, none Warankijije."

82 Kubera iki, abantu bagerageza kwerekana ko ibyo ari ubusazi. Uriya mugabo wanditse umurongo wa nyuma w'igitabo *Mbega Urukundo Rw'Imana,* cyanditswe ku rukuta rw'ikigo cy'abarwayi bo mu mutwe, we yagerageje kwerekana urukundo rw'Imana. Uko Yicishije bugufi kugira ngo akize abanyabyaha, n'uko Yabikoze, urukundo Rwe rwaramanutse kugira ngo rudukize wowe nanjye. Tuvuge ku gusenga, Abamalayika ntacyo

babiziho! Gusenga, Malayika ni we wenyine ubizi . . . Ahagarara ahongaho maze akazunguza amababa Ye imbere n'inyuma, no hakurya, "Haleluya! Haleluya!" Ariko, yoo, ubuntu! Iyo bigeze ku kumenya ko nari narazimiye none nkaba naratarutse, nari narapfuye, none ndacyari muzima! Mana yanjye, nari icyaha, nari umwanda, kandi nari mu ishyamba ry'inzitane!

83 Dore ibyiza ubuzima bushobora kuguha. Ese wigeze ugera hano aho bajugunya imyanda ya Cologate? Ni ahantu hanuka cyane kurusha ahandi hose. Uwo mwotsi ushaje untera umujinya iyo unukiye. Naryamye ahongaho muri uwo mwotsi wose ushaje, ndababara cyane, nywivurugutamo, nyuma yo kunywa amavuta ya casitoro. Murabona, urwaye uko ushoboye kose! N'imbeba zikuzenguruka hirya no hino, zigerageza kukurya. Kandi ibyo ni byo byiza by'ubuzima. Hanyuma umuntu akamanuka akagukuramo. Kandi ushaje cyane utanabasha kwifasha. Nuko akagufata wahindutse nk'umwana w'imyaka cumi n'umunani, akagushyira hejuru y'umusozi, heza ku buzima, mbega, umwuka mwiza umwuka mwiza nk'uwo, amazi meza akonje. Ese wakwifuza kongera gusubira muri iyo myanda? Ntuzigere, ntuzigere, ntuzigere, ntuzigere usubira muri iyo myanda ukundi.

84 Noneho, ni icyo bisobanura, nshuti. Ni ibyo iby'iryo yerekwa, cyangwa ubusobanuro, icyo ari cyo cyose, iyerekwa. Ndavuga iyerekwa, 'kuko mfite ubwoba ko byababaza umuntu kuvuga ko ari ubusobanuro, ni byo byari byo. Noneho, hari igihe Imana . . . icyo Imana yakoze kugira ngo izane abahungu n'abakobwa kuri Yo. None se, aba bantu ni bande? Ni gute bigeze . . . Aba bantu bakoze iki kugira ngo bahabwe ibi? Ni gute bigeze babikora? Imana, mu ntangiriro, mbere y'uko Malayika aremwa . . . Ni bangahe bazi ko ari nta kigero kitagira iherezo? Niba atari We, ntabwo ari Imana. Rero, Imana, mu mbabazi Zayo zitagira akagero, Yabonye ko Lusiferi yabikora, niba Yararemye ibi. Yari yabashyize mu bigo byigenga ku buntu, ari na byo shingiro. Kandi ni aho mukiri, ni byo koko, igiti cy'icyiza n'ikibi gishyizwe imbere ya buri wese muri twe, ni wowe wihitiramo. Kandi Lusiferi ni we wa mbere wafashe inzira mbi itari yo. Maze atangira kumukurura, asa n'uwihebye, agerageza kwigarurira byose, agerageza kurengana undi muntu. Kandi aho ni ho byatangiriye. Noneho, nimwumve ibi. Aho ni ho icyaha cyatangiriye. Imana, mu bitekerezo Byayo bitagira iherezo, yarabibonye, Maze ibona inzira imwe rukumbi . . .

85 Noneho, mwebwe bene Data bemera ubutatu, sinshaka kubababaza, ariko se, ni gute mu Izina ry'Ijambo ryiza ry'Imana washobora gushyira Yesu mu mwanya We umutandukanyije n'Imana Ubwayo? Iyo Yesu aza kuba ashobora gufata undi muntu akamwohereza ngo apfe, kugira ngo acungure uyu muntu uri hano, Yaba ari ikiremwa kidakiranuka. Hari uburyo bumwe gusa Imana yashobora kubikora, ni ukwiha Yo umwanya ubwayo! Imana yigize umuntu kugira ngo isogongere ku

bubabare bw'urupfu, idukureho urubori n'urupfu, kugira ngo ducungurwe n'Uwayo. Ni yo mpamvu Azasengwa cyane. Yesu yari umuntu, ni ukuri yari We. Yari umugabo, u-m-u=n-t-u, wabyawe n'umwari Mariya. Ariko Umwuka wari muri We wari Imana itagira urugero, muri We hatuyemo umwuzuro w'Ubumana mu mubiri. Yari Yehova-Yire, yari Yehova-rafa, Yari Yehova-manase, Yari Yehova; Ingabo yacu, Bwugamo bwacu, Umukiza wacu udukiza indwara; Yari Alpha, Omega, Itangiriro ndetse n'Iherezo; Yari Uwambere, n'Uwanyuma; Uwahozeho, Uriho, kandi Uzaza; Igishyitsi cyo mu Muryango wa Dawidi, Inyenyeri yo mu Ruturuturu, kubera iki, Yari Byose-muri-byose. Muri We hari hatuyemo Ubumana bwuzuye mu mubiri!

86 Kandi urupfu rwahoraga rufite urubori, rwarumishaga abantu, "Yewe," shitani iravuga iti: "Nagufashe, kuko wanyumviye. Ndakuruma, nzagushyira mu mva. Ayo maraso y'intama ntashobora kugufasha, ayo ni amaraso y'inyamaswa gusa." Ariko Imana, mu bwenge Bwayo, yari izi ko hazabaho Umwana w'Intama uzaza, wishwe kuva isi yaremwa. Yego, Mugenzi. Kandi bo . . . Yategereje icyo gihe, igihe cyuzuye ngo kigere.

87 Ariko umunsi umwe ubwo uyu Mwana w'Intama yazaga, uwo Mugabo, Satani nawe yarashutswe. Areba hirya no hino, aravuga ati: "Niba uri Umwana w'Imana, kora *ibi*. Niba uri Umwana w'Imana, kora igitangaza maze ndebe. Reka ndebe ugikora. Yoo-mbega, Ndagupfuka igitambaro mu maso, ngukubite. Niba Uri umuhanuzi, tubwire uwagukubise." Yoo! "Ntabwo—Ntabwo nemera ko Uri Umusore. Niba uri We, tubwire neza uko Umeze." Urabona, byose bimeze bityo. "Yoo, tubwire ko uri We!" Ntiyafunguye umunwa We. Yoo, yoo, ese koko yaba yaramupfutse igitambaro mu maso icyo gihe!

88 Yarebye hirya no hino areba umwigishwa aramubwira ati: "Nashoboraga kuvugana na Data, akanyoherereza ingabo cumi n'ebyiri z'Abamalayika, iyo mbishaka." Pilato ntabwo ibyo yabyumvise, murabizi.

89 "Niba uri! Niba Uri. Yoo, ntabwo ari We. Yewe, reba uko ava amaraso. Yewe, bamwe muri mwe abasirikare nimujyeyo mumucire mu maso." Baramuciriye, baramuseka, bamupfura ubwanwa bwinshi mu maso he. "Yoo, ntabwo ari We! Yoo, uwo si We! Nzamwinjizamo urubori rwanjye, muhungu. Nzamuzamura hejuru. Ndagufite ubungubu!"

90 Ubwo Yatakaga ati: "Eli! Eli! Mana yanjye! Mana yanjye!" Yari umuntu. "Ni iki kikundekesheje?"

91 Mu busitani bwa Getsemani, ugusigwa kumuvuyeho, murabizi, Yagombaga gupfa nk'umunyabyaha. Yapfiriye umunyabyaha, murabizi; ntabwo ari ibyaha Bye, ahubwo ni ibyanjye n'ibyawe. Aho ni ho urwo rukundo rwinjiriye, ukuntu

yafashe ibyaha byanjye! Yoo, Haleluya! Mbega ukuntu yafashe ibyaha byanjye!

92 Kandi ahongaho, ntiyashoboraga gufungura umunwa We. Uwamwinjizemo urubori yaravuze ati: "Urabizi, nizera ko uwo yari umuntu usanzwe gusa. Ntabwo yabyawe n'isugi, kuko namujombye urubori rwanjye."

93 Hanyma aza yihuta, amwinjizamo urubori rwe, ariko icyo cyari igihe kitari cyo rwose, muhungu! Yakuyemo urubori rwe. Kuva icyo gihe ntashobora kongera kurumurumisha, yarusizemo. Yazutse ku munsi wa gatatu, aravuga ati: "Ndi Uwari warapfuye, none ndacyariho, kandi ndi muzima ubuziraherezo, Mfite urufunguzo rw'urupfu n'ikuzimu." Yego mugenzi. Yananiwe kubona Uwo yari We. "Kandi kuko ndiho, namwe muzabaho. Ntibiragaragara . . . "

94 Umunsi umwe, iminsi itatu cyangwa ine nyuma y'ibyo, amaze kuzamuka kwa Se, yaragarutse, hanyuma bamwe baravuga bati: "Yoo, ni . . . A—Agomba kuba ari nk'ikintu giteye ubwoba. Hagomba kuba hari ikintu runaka giteye ubwoba kuri uwo Musore. Natwe . . . Mwabonye iyerekwa. Mubona iyerekwa."

"Oya, Yari Yesu nyawe."

95 Toma aramubwira, ati: "Reka ndebe ibiganza n'ibintu byose, Ndakubwira niba ari byo."

96 Aravuga ati: "Ndi hano." Arasubiza ati: "Hari ifi n'umugati mufite hariya? Munzanire sanduwici." Bamuzanira sanduwici, maze arahagarara arayirya. Arababwira ati: "Noneho, umuzimu arya nk'uko ndya? Umwuka ugira inyama n'amagufwa nk'uko mbifite?" Murareba? Aravuga ati: "Ndi We. Ni ndi uwo."

97 Pawulo aravuga ati: "Ntabwo biragaragara neza ubwoko bw'umubiri tuzagira, ariko tuzi ko tuzagira umubiri umeze nk'uwe." Ni iki? Mbese Yaba yarigeze kugira uwo mubiri wa tewofaniya? Yego, mugenzi! Igihe yapfaga, Bibiliya yavuze ko "We," ni insimburazina bwite, "Yagiye ikuzimu akabwiriza ubugingo buri muri gereza." Haleluya! Yabigenje ate? Yari afite ibyumviro byiza, Yari afite ibyumviro byo kumva, Yari afite ubushobozi bwo kuvuga, yabwirizaga afite umubiri nk'uwo nabonye abo bashyizwe mu bwiza mu ijoro ryakeye. Yabwirije roho zari mu muriro utazima, zitari zarabyihannye mu gihe cy'ububabare bwo mu gihe cya Nowa.

98 Ariko ubwo yazukaga kuri Pasika, ntibyashobokaga ko uwo mubiri wabora, kuko umuhanuzi Dawidi yabibonye mbere y'igihe ngo: "Sinzarekera ubugingo Bwe ikuzimu, sinzareka ngo Uwera Wanjye abone kubora. Byongeye kandi umubiri Wanjye uzaruhukira mu byiringiro, kuko Atazasiga ubugingo Bwanjye ikuzimu, kandi Ntazareka Uwera Wanjye ngo abone kubora." Kandi mu masaha mirongo irindwi n'abiri mbere y'uko kubora bitangira, iyo tewofaniya, umubiri wagiye kubwiriza roho zari mu nzu y'imbohe, batihannye mu gihe cy'ububabare bwo mu

minsi ya Nowa, bakazuka, maze abapfuye bakambara ukudapfa, Maze Arahagarara Ararya, Atubwira ko Yari Umuntu. Haleluya!

99 Uko ni ko tuzamubona, Mwene Data Evans. Ni bwo Azaguma ku ntebe ya Dawidi. Haleluya! Ni bwo tuzagenda tuzamuka tumanuka, Nzajyana na we mu rugendo rwo kwambuka imisozi mu gihe cy'imyaka miliyoni, murabona, iminsi mike gusa, iminota mike gusa, tuzanyura hariya, twicare hariya.

100 Kandi igihe kirageze cyo kurya, murabizi, ikintu cya mbere muzi, Mushiki wacu Wood yaravuze. . . Ndavuze nti: "Mushiki wacu Wood, ni byiza, wari uri he muri iki gihe cyose? Ntabwo nakubonye mu. . . bisa nk'aho byabaye iminota cumi n'itanu."

"Yoo, ibyo bimaze imyaka ibihumbi bibiri, Mwene Data Branham."

101 "Yoo-mbega. Urumva umeze ute?" Yego, birumvikana ko nta kundi wakwiyumva usibye kumva umerewe neza.

102 "Nimuvuge, nimuze hano, bahungu, ndabereka ikintu mwese, bavandimwe, bavandimwe banjye nkunda. Dore isoko y'amazi, meza kurusha ayandi yose wigeze unywa. Kandi, yoo, tuzabona ikinyobwa gikonje cyiza. Nzagerayo maze mfate ikirundo kinini cy'imizabibu, maze twese twicare tuyirye." Ese ibyo ntibitangaje? Ni byo rwose. Ni byo rwose.

103 Twabibonye dute? Tubimenya dute? Imana, mbere y'uko isi iremwa, yatugennye mbere y'igihe! Ni bande? Abari mu Gihugu cyasezeranijwe.

> . . . *yaduteganyirije kera kugira ngo tugirwe abana na Yesu Kristo. . . dukurikije umunezero w'uko yabigambiriye,*
>
> *Ku bw'ishimwe ry'icyubahiro cye*. . .

Kugira ngo dushobore kumuhimbaza nk'uko yabivuze. Ni cyo Yari cyo, Imana. Turashaka kuyihimbaza.

> . . . *ibisingizo by'ubwiza* Bwayo *bw'ubuntu Bwayo*, aho *yaduhesheje* kwemerwa *mu rukundo*. (Muri Kristo turemerwa.)
>
> *Muri We dufite gucungurwa binyuze mu maraso,* ni *ukuvuga kubabarirwa* i-b-y-a-h-a. . .

104 Ngomba kugaruka ku bijyanye no kwemerwa nk'umwana, ariko ndashaka guhagarara gato hano ku ngingo "y'ibyaha" mu munota umwe. "Ibyaha," mwabibonye? Muzi ko Imana idacira umunyabyaha urubanza rwo gukora icyaha? Imucira urubanza rwo kuba umunyabyaha. Iyo umunyabyaha anyoye itabi, ntabwo amuciraho iteka kubera iryo jambo; uko byagenda kose aba ari umunyabyaha. Murabona? Murabona? Nta byaha afite, umunyabyaha nta na kimwe afite. Ni umunyabyaha gusa, urabona, nta byaha afite. Ariko ufite icyaha, wowe uri

Umukristo. Urabona ko hano arimo kuvugana n'Itorero. Ariyobora mu nzira igororortse. Murabona? Murabona? "Imbabazi z'ibyaha," i-b-y-a-h-a. Dukora icyaha. Ariko umunyabyaha ni umunyabyaha, Imana ntimubabarira.

105 Noneho, muravuga muti "Noneho, yarashe umuntu hano. Ugiye kubikoraho iki?" Ntabwo ntibindeba. Ntabwo ndi umugorozi, Ndi umubwiriza. Amategeko azabikemura, ni abaharanira impinduka. Bari . . . "Ni byo," bakavuga bati, "yasambanye." Ibyo, ibyo—ibyo biri mu mategeko. Ibyo biri hagati ye n'amategeko. Jyewe—njyewe—njyewe—njyewe si ndi umugorozi, singorora abantu. Ndashaka kubahindura. Ndi umuvugabutumwa, murabona, akazi kanjye ni ukumugeza ku Mana. Niba yaracumuye, ni ikibazo cye, ni umunyabyaha. Imana imucira urubanza rwo mu rwego rwo hejuru. Ni umunyabyaha kuva na mbere, yaciriweho iteka kuva na mbere. Ntabwo yageze no ku ikubitiro rya mbere, we—we—ntaho ari. Ni umunyabyaha kuva na mbere. Nta byaha afite, ni umunyabyaha.

106 Ntabwo washoboraga kujya hanze ngo uvuge uti: "*Iki* gice ni ijoro naho *iki* si ijoro." Oya, ni ijoro ryose, ni ijoro ryose gusa. Ni byo Imana yavuze. Ni byo, ni umunyabyaha, ni ibyo gusa. "Noneho, yakoze ibi, *iri* ijoro ni rinini, *iri* ni ijoro ryaka neza hano." Ndabizi, ariko ni ijoro ryose gusa, ni ibyo gusa. Murabona?

107 Sinashoboraga kuvuga nti: "*Ibi* ni ibintu byoroshye hano." Oya, byose ni urumuri gusa, murabona, urumuri gusa, ntushobora kuvuga ingano yarwo. Murareba? Ariko niba ari ahantu hijimye muri *ibi*, noneho haba hari umwijima.

108 Rero "ibyaha," i-b-y-a-h-a, tubabarirwa ibyaha byacu binyuze mu Maraso Ye (iki?), Amaraso y'agaciro keza.

. . . *nk'uko ubutunzi bwe buri* . . .

109 Twabyibagirwa dute? Kubera ko dukwiriye, hari icyo twakoze kugira ngo ibyaha byacu bibabarirwe? Ni igiki?

. . . *ubuntu;*

110 Yoo, mbega! Nta kintu na kimwe nzanye mu maboko yanjye, Mwami. Nta kintu nakora, nta kintu na kimwe nakora. Dore! Yangennye mbere, Yarampamagaye, Yarantoranyije. Si njye wamutoranyije. Yarantoranyije, Yarabatoranyije, Yaradutoranyije twese. Si twe twamutoranyije. Yesu yaravuze ati: "Si mwe mwantoranyije, ni Njye wabatoranyije." Yaravuze ati: "Nta muntu ushobora kuza aho ndi keretse Data ari We umukuruye mbere, kandi abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi. Kandi nta n'umwe muri bo uzazimira, keretse umwana wo kurimbuka, kugira ngo Ibyanditswe bisohore." Murabona? Ati: "Ariko abo Data Yampaye bose bazaza aho Ndi."

111 Yoo, ndimo gutinda cyane si byo se? Kandi sindabyinjiramo. Ndetse sindanabitangira. Reka nihute, hari icyo ngomba

kugeraho hano vuba cyane, hanyuma twihute. Reka nongere ngaruke kuri iki kibazo cyo kugirwa umwana mu mwanya muto. Ese, mwanyihanganira gusa ku—umunota umwe gusa? Reka tubigereho hano, bamwe muri aba bantu baturutse kure cyane muri Jeworujiya hano kuri uyu mugoroba gusa, Imana ibahe umugisha. Noneho, mwene Data Georgie, na Texas n'ahandi hose mwaturutse, mutege amatwi uyu murongo wa 5. Reka tuwugarukeho iminota mike.

Yatumenye mbere y'igihe kuri—kuri . . .

112 Ijambo "kuri" risobanura iki, ijambo "kuri"? Risobanura icyo kintu twenda kugeraho. "Ngiye ku isoko. Ngiye ku ntebe." Humes, urabyumva? "Ngiye ku meza."

Noneho, yatugennye mbere y'igihe kugira ngo tugirwe abana kubwa Yesu Kristo, nk'uko yabyishakiye We Ubwe,

113 Ibinezeza bingana iki? Byari ibyishimo bya nde, ibyiza bya nde? Ibye Bwite. Ibyishimo Bye Bwite by'ubushake Bwe Bwite.

114 None se, bisobanura iki "kugirwa umwana"? Reka mfate ibi nonaha, sinzi niba . . . nta mwanya nza kubona wo kubyinjiramo, ariko ndabinyuramo. Hanyuma niba hari ikibazo, mushobora kumbaza nyuma gato mu butumwa, ikintu runaka. Mwumve. Kugirwa umwana si ukuvuka kwawe. Kugirwa umwana ni ugushyirwa mu mwanya kwawe. Iyo wavutse ubwa kabiri, Yohana 1: 17, ndizera ko, iyo tuvutse ku Mwuka w'Imana, tuba turi abana b'Imana. Ariko twari twaragenwe mbere y'igihe. Noneho dore icyo ngerageza kubagezaho, kuri aba bana b'iminsi y'imperuka, murabona, ku . . . Murabona? Mbere na mbere twari twaragenewe (ku) kugirwa abana.

115 Noneho, ubu turi hano. Noneho, iki ni cyo kibabaza gato Abapentekote. Baravuga bati: "Navutse ubwa kabiri! Uwiteka ahimbazwe, nahawe Umwuka Wera!" Ni byiza. Uri umwana w'Imana. Niko bimeze. Ariko nyamara ibyo ntabwo ari byo mvuga. Murabona, wagenewe mbere kugirwa umwana. Kugirwa umwana, ni ugushyira umwana mu mwanya.

116 Ndi hafi cyane y'ibyo, kuko Becky yambwiye ko ndi bugufi yabyo, ntimushobora kunyumva ukundi. Ndi . . .

117 Urabona, umwana. Ni bangahe bazi amategeko yo kugirwa umwana mu Isezerano rya Kera? Birumvikana, mwarabibonye. Havutse umwana w'umuhungu. Ndizera ko nabivuzeho mu nyigisho runaka. Ni ibyo ni ibiki, Gene, urabyibuka? Biri kuri kaseti. Oh, ibyo byari ibiki? Na—na—na—nagikozeho. Yego, ndabyumva, *Nimumwumvire*. *Nimumwumvire*; kugira umwana.

118 Noneho, mu Isezerano rya Kera, igihe i—iyo umwana yavukaga mu muryango, Yari umwana ubwo yavukaga, kuko yavutse ku babyeyi be, yari umwana w'umuryango n'umuragwa w'ibintu byose. Noneho, ariko uyu mwana yarerwaga n'abarezi.

Abagalatiya, igice cya 5, umurongo wa 17 kugeza kuwa 25. Ni byiza. Yarerwaga n'abatoza, abarezi, abarimu. Noneho, urugero, niba narabyaye umuhungu, reka tuvuge ko ndi umubyeyi kandi . . .

119 Kandi ni yo mpamvu muri King James, Ni bangahe bigeze gutekereza gusoma ibintu bisekeje cyane mu gitabo cya King James, agira ati: "Mu Rugo kwa Data harimo amazu menshi"? Inzu, amazu menshi. Murareba? Mu by'ukuri, mu—mu gihe Bibiliya yahindurwaga mu ndimi mu gitabo cya King James, *inzu* yari "ubuturo." "Mu *Buturo* kwa Data harimo amazu menshi." Ntabwo ari mu nzu, amazu, ahubwo Yitwaga Data w'ubwo Buturo. Babikoze mu buryo bujyanye n'ubwo Bibiliya ivuga, muri Bibiliya ni ko bimeze.

120 Iyo umubyeyi yabaga afite umurima munini wa hegitari igihumbi, cyangwa ikindi kintu, yabaga afite itsinda ry'abantu batuye *hano*. Yahaga akazi abantu batuye *hano* kugira ngo baragire intama, yari afite bamwe *hano* bo kuragira inka, Yari afite bamwe *hano* bazamukaga mu ntera yo hejuru hariya mu birometero ijana uvuye aho, kandi yari afite bamwe *hano* baragiraga ihene, kandi yari afite abandi baragiraga inyumbu na—n'ibindi bintu bitandukanye. Ya—yari afite ubwami bukomeye gusa. Maze yurira indogobe ye ntoya maze akazenguruka kuri buri wese areba uko ameze, aragiye intama n'ibindi nk'ibyo. Nta mwanya yabaga afite . . .

121 Ntushobora kunyumva iyo mbitambukamo. Ndageragaza kuguma hano. Mushobora kunyumva neza ubu, hano? Murebe.

122 Yaragendagendaga, akagenda, agerageza—kwita ku—ku—ku bwami bwe. Noneho ashaka . . . Uwo muhungu uzaba umuragwa w'ibyo afite byose. Ni umuragwa.

123 Kandi iyo tuvukiye mu Bwami bw'Imana, tubikesha Yesu Kristo, tuba abaragwa b'Ijuru, abaraganwa na Yesu, kuko yafashe umwanya wacu. Yahindutse (icyaha), kugira ngo tube We (gukiranuka). Murabona? Yabaye njye kugira ngo mbashe kuba We, murabona, abaraganwa na We. Mwebwe mwese, noneho mujye mwibuka ibyo, kuri buri wese muri mwe.

124 Noneho, mwibuke ko Imana yabamenye mbere y'igihe, ikoresheje ukumenya ibitaraba, ko uzagera kuri Ibi. Abantu bose babyumva, muzamure ibiganza byanyu, murareba. Imana, kubwo kumenywa mbere, mwashyiriweho kuba Igihugu cyasezeranijwe. Igihugu cyasezeranijwe ku myumvire y'umukrisito ni iki uyu munsi? Rwose muzamure ibiganza byanyu niba mubizi. "Isezerano ni iryanyu no ku bana banyu, no ku bari kure bose. Kandi bizaza mu minsi y'imperuka, ni ko Imana ibivuga, nzasuka Umwuka Wanjye ku bantu bose, abahungu n'abakobwa banyu." Muri Yesaya 28:18, "Itegeko rigomba kuba itegeko, umurongo ku murongo; hano gato, hariya gato. Mukomere ku byiza. kuko nzavugisha abantu

n'iminwa ididimanga n'izindi ndimi z'amahanga. Kandi ubu ni bwo Buruhukiro, ubu—Uburuhukiro, igihugu cy'uburuhukiro navuze ko bagombagombaga kwinjiramo. Kandi, n'ubwo byose byagenze bityo, ntibashakaga kubyumva, ahubwo barikubise baragenda, kandi ntimushobora kubyumva." Murareba? Ni byo rwose.

125 Byari ibiki? Neza neza nka ba bantu bari bavuye i Kanani, cyangwa baturutse muri Egiputa, kugeza mu nzira yose bari mu butayu, maze bagera hafi yaho, hafi bihagije kugira ngo basogogere ku mizabibu iva mu gihugu. Mwene Data, hariya, abo bantu barashaka ko nsubiramo ibyo, ibyo mu Baheburayo 6. Nabikora nte? Abo ni abizera bagarukiye ku mupaka, ntibazigera bakomeza! Ntibashobora gukomeza. Yesu yaravuze ati: "Abacu. . . "

Baravuze bati: "Ba sogokuruza bariye manu mu butayu."

126 Kandi Yesu yaravuze ati: "Bose barapfuye." Baratandukanye. Bara, buri wese, barapfuye. Ni byo. Yaravuze ati: "Ariko ni Njye Mugati w'Ubugingo ukomoka ku Mana yo mw'Ijuru. Umuntu uriye kuri uwo Mugati, ntazigera apfa. Ni byo. Ni byo, mugenzi, ahabwa Ubugingo buhoraho iyo ariye Ibi, Ndi Igiti cy'Ubugingo kiva mu busitani bwa Edeni."

127 Noneho, murebe, aba bantu bagarukiye hafi cyane! Murebe, niba mubyitegereje mu Baheburayo 6, ntabwo ari ukugaruka kuri ibyo, ahubwo ni mu Baheburayo 6, "Aba bantu bigeze kuba abasangirangendo, bari hafi cyane, kandi basogongeye ku mpano yo mu ijuru." Baricaye hirya no hino, babonye gukira indwara bikorwa, babonye abantu mu mbaraga z'Imana, babonye ubuzima buhinduka, ariko ntibazigera bashyiramo ukuboko. Oya, mugenzi. Oya, mugenzi. "Kandi basogongeye imbaraga z'isi izaza; ariko ntibagerageje kongera kwivugurura no kwihana, babonye ko ba—ko bo ubwabo babambye ku musaraba Umwana w'Imana nzima, kandi babara Amaraso y'isezerano berejwemo. . . "

128 "Ndi mw'itorero ryizera kwezwa." Ibyo ni byiza uko byagenda kose, ariko ntugera kure bihagije. Murabyumva? Yego, mugenzi. Ubutayu bwarabejeje. Yego rwose. Bari bafite i—bafite inzoka y'umuringa n'i—igicaniro cy'umuringa, n'ibindi byose byari aho, kwezwa, ariko binjiye muri Palesitina kugira ngo baruhuke. Ntabwo. . .

129 Murebe mu Baheburayo 4, ese ntiyavuze ngo "ubundi buruhukiro"? Imana yaremye umunsi wa karindwi maze ibaha ikiruhuko ku munsi wa karindwi. Ahandi hantu yavuze ku munsi wo kuruhuka, "kandi uyu munsi ni muri Dawidi." Hanyuma Abaha ikindi Kiruhuko, "Nimuze munsange mwese abarushye n'abaremerewe, Ndabaruhura." Nimwinjire muri ubu Buruhukiro! Kuko twe twinjiye muri ubu Buruhukiro twaruhutse imirimo yacu nk'uko Imana yabigenje binyuze mu

Isabato. Rwose ni ko bimeze. Icyo ni cyo Kirihuko cyawe cy' Isabato. Icyo ni cyo Kiruhuko nyakuri cyanyu muri iki Gihugu cyasezeranijwe.

130 Umwuka Wera ni isezerano ry'abantu. None se kubera iki bashaka abavugabutumwa b'abahanga bize bazabareka bakambara amakabutura magufi kandi bakogosha imisatsi yabo, kandi bagasiga iminwa amarangi, n'abagabo na bo bagakina urusimbi banywa inzoga bakanavuga urwenya, bagakomeza bakitwara gutyo, kandi bakiyita abayoboke b'itorero? Kubera iki, bafata ikintu nk'icyo kandi bagahakana ubuyobozi bw'Umwuka Wera! Kubera iki, Bibiliya yavuze ko Ijambo ry'Imana rityaye kuruta inkota itemera habiri rigahinguranya igufwa, ndetse rikagenzura ibitekerezo by'umutima. Yego, ndetse n'ibitekerezo by'ubwenge!

131 Niba kandi dukunze isi cyangwa ibintu by'isi, nta rukundo rw'Imana ruba ruri muri twe. "Benshi barahamagawe, abaka baratoranijwe; kubera ko irembo rifunganye, kandi inzira ifunganye iganisha mu Bugingo, ariko bake ni bo bazayinyuramo. Benshi bazaza aho Ndi kuri uwo munsi maze bicare mu Bwami," Yesu yaravuze ati: "hamwe na Aburahamu, Isaka na Yakobo. Ariko abana b'ubwami bazahezwa hanze, maze bavuge bati: 'Mwami, ese ntitwakoze *ibi* mu Izina Ryawe? Ese ntitwabwirije? Ese ntitwari Dogiteri *Naka-na-naka* Reverend *Naka-na-naka*?' 'Ntabwo nigeze mbamenya. Muve imbere Yanjye, mwa nkozi z'ibibi mwe, sinigeze mbamenya.' Ntabwo ari bose bavuga ngo: 'Mwami, Mwami,' bazinjiramo. Ariko ukora ibyo Data wo mu Ijuru Ashaka, ni we uzinjiramo."

132 Ngaho rero, twinjira muri iki gihugu cyasezeranijwe. Twakinjiramo dute? Twagenewe mbere y'igihe. Itorero, kubwo kumenywa mbere kw'Imana, twagenewe mbere (ku ki?) kubw'icyubahiro Cyayo, kubw'ubuntu Bwayo mu bwiza, no gusenga n'icyubahiro cy'Imana. Papa, yicaye inyuma aho mu ntangiriro, yibeshejeho, nta kintu na kimwe kimukikije, yashakaga ikintu cyo gusenga, Yari yarashyizeho mbere kandi yaragennye Itorero mbere, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, nuko ishyira amazina yabo mu gitabo cy'Ubugingo cy'umwana w'Intama, igihe yi . . . yakinjwaga mbere y'uko isi iremwa, kugira ngo bagaragare ku ikuzo Rye no ku mashimwe Ye ku iherezo ry'ibihe, Ni ryari ibintu byose bizateranyirizwa muri uwo Muntu umwe, Kristo Yesu. Whew! Icyubahiro kibe icy'Imana! Ni byo. Ibyo ni ukuri . . . Kandi ibyo ni byo biri aho, mwene Data, mushiki wanjye. Ntuzigere ubivamo.

133 Imana, ku bw'ubuntu Bwayo bwo gutoranya, yaraguhamagaye. Imana, ku bw'ubuntu Bwayo bwo gutoranya, yarakwejeje. Imana, ku bw'ubuntu Bwayo bwo gutoranya n'imbaraga Zayo, yarakubatije igushyira muri iki gihugu cy'Uburuhukiro. Abinjiye muri ubu Buruhukiro baretse inzira zabo z'ubuyobe. Bahagaritse imirimo yabo nk'uko Imana

yabigenje ku mirimo Yayo. Bafite ibyishimo bitavugwa, kandi byuzuye icyubahiro! Igiti cy'Ubugingo kirimo kurabya muri bo. Bafite kwihangana, ubwitonzi, ububwanega, kwihangana kuzana ukwizera, kwizera, ubugwaneza, ubwitonzi, n'ibindi. Igiti cy'ubugingo kirimo kurabya muri bo kuko ibyiringiro byabo bishingiye kuri Kristo Yesu, ubuhamya bw'Umwuka Wera buhamya ibimenyetso n'ibitangaza bijyana n'abizera. "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera." Uko bagenda, bakiza abarwayi, birukana amadayimoni, bavuga mu indimi, kandi babona amayerekwa. Bo . . . Kandi bagendana n'Imana, bavugana n'Imana. Nta dayimoni ishobora kubimura, barashikamye, barashaka . . . ? . . . Bibagirwa ibyo bintu byahise, bakomeza urugendo rwabo bagana ku ntego yo guhamagarwa ko hejuru muri Kristo Yesu. Barahari. Aho ni ho bari. Iryo ni ryo Torero.

134 Bagezeyo bate? Ntushobora kuvuga uti: "Ni byiza, Mwami, urabizi, umunsi umwe natangiye kunywa itabi, hanyuma ntekereza ko ngiye . . . " Yoo, oya, oya, oya, oya.

135 Guteganywa kuva kera! Yaraduhamagaye, kandi iyo tuyikurikiye ni bwo tuvuga tuti "Mana, twari twarazimiye kandi twari twarapfuye. Nta n'ubwo twari dufite ubwenge bwo kwikiza. Twari kamere y'ingurube, twari ingurube kuva na mbere."

136 Ujya mu kiraro cy'ingurube ukareba ingurube ishaje, ukavuga uti: "Noneho, reba hano, mukobwa, ndashaka kukubwira ikintu. Kunywa itabi ni bibi kuri wowe."

137 Yaravugaga ati: "Oink-oink." Murareba? Noneho, ibyo ni ibijyanye n'uko wakiriye gukira kwawe. Ni byo rwose.

138 Muravuga muti: "Madamu, ntugomba kwambara imyenda nk'iyo, ugomba kwambara neza. Ugomba gukora *ibi*. Ntimugomba kujya ku . . . Ntimugomba kujya muri iyo mikino y'amakarita. Ntimugomba kunywa itabi. Ntimwakagombye gukora *ibi*. Bwana, ntiwakagombye kwita kuri *ibyo*."

139 Aakvuga ati: "Oink-oink. Ndi uwo muri *Oink-oink*." Uh-huh. "Oink," ibyo ni byo bazi gusa. "Ndakubwira ko ndi mwiza nka we. Oink-oink!" Muri kubyumva, banze ubuyobozi bw'Umwuka Wera, Bibiliya yo yavuze ko niba mukunda isi cyangwa ibintu by'isi, nta rukundo rw'Imana ruba rubarimo.

140 Ni iki kibagira abadasanzwe? Muri ishyanga ryera. Mwakoze iki? Mwinjiye muri icyo gihugu. Muri mu kindi gihugu. Mwagezeyo mute? Ni cyo gihugu cy'isezerano. Ni isezerano bwoko ki? "Bizabaho mu minsi y'imperuka, ni ko Imana ibivuga, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose." Ku bw'Umwuka umwe twese twabatirijwe muri iki gihugu kimwe cy'isezerano. Amina. Bavandimwe, haleluya, mufite umutima uboneye, nta shyari, nta rwango, nta kintu na kimwe! Sintinya ko niba mwene Data agendera mu nzira mbi, uko yakora kose, uzamukurikira.

141 Nagiye gushaka mwene Data wari warayobye vuba aha. Umusore umwe yarambwiye ati: "Reka uwo mugome agende. Mureke."

142 Naravuze nti: "Ningera aho umutima wanjye utagikunda mwene Data, kuri njye ni cyo gihe cyo kujya ku gicaniro, kuko mba naguye nkava mu buntu." Naravuze nti: "Nzajyayo igihe cyose agihumenka, kandi nzamufata mugarure mu murongo." Yego, mugenzi. Kandi naramufashe, haleluya, ndamugarura. Yego, mugenzi. Ubu yagarutse mu rugo amahoro. Yego, mugenzi. Yari kuba yarayobye nk'uko isi imeze.

143 Mu gihe gishize ubwo nabonaga uriya mugore muto w'umukene yicaye aho, maze sherifu arampamagara, aravuga ati: "Ese, yagakwiye kuba yambaye ijaketi igoroye." Aravuga ati: "Ari mu kajagari ko mu mutwe gusa, yataye umutwe." We—we, bamushyize muri hoteli. Baraza.

Ndavuga nti: "Ni byo rwose."

144 Sherifu aravuga ati: "Kubera iki, Billy!" Ndamuzi neza cyane, kandi ndamuzi kuva nkiri umwana. Aravuga ati: "Niba hari ikintu nakora ngo ngufashe."

Ndavuga nti: "Ni byo rwose."

Aravuga ati: "Ushobora kumufasha?"

Ndavuga nti: "Oya, ariko *We* ashobora kumufasha." Ndavuga nti: "Umunota umwe gusa."

145 Nuko bamuzana hanze aho. Ubwo yagendaga mu gihe gito gishize, mu mahoro. Byari ibiki? Twamukurikije isengesho. Amina! Yari ameze nabi cyane . . .

146 Baravuga bati: "Urashaka kubonana na muganga?" Babwira umugabo we bati: "Urashaka kubonana na muganga?"

147 Aravuga ati: "Muganga ntacyo yamumarira." Kandi ni byo. Arimo kubabara; muganga ntacyo yamumarira.

Aravuga ati "Icyizere cyacu ni *ukugerayo*."

Na we aravuga ati: "Billy, simbyumva."

Ndavuga nti: "Sinumva ukuntu utabyumva," murareba, "sinumva ukuntu utabyumva."

148 Ariko, yoo, mbega, ntabwo mbyumva! Oya. Ariko, mwene Data, Mana yo mw'Ijuru . . . Nari mpagaze hariya, igihe kimwe, Ikintu cyarankurikiranye. Amina! Ntabwo ari ukubera ko nifuzaga kuza, ariko, oya, hari ikintu cyaje nyuma yanjye. Kubera ko mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, Imana yaradutoranyije, haleluya, ko twaba Abayo, ku bw'icyubahiro n'ubwiza Bwayo. Nimwumve! Abo Yamenye mbere, Yakoze iki? Yarabahamagaye. Si byo se? Ese yaragubahamagaye? Yego! Kuki yaguhamagaye? Yakumenye mbere y'igihe. Abo yamenye mbere, Yarabahamagaye; abo Yahamagaye, Yarabatsindishirije. Ni byo? Kandi abo Yatsindishirije, Yabahaye ubwiza! Amina! Ni byo

Bibiliya ivuga: "Abo Yamenye mbere, Yarabahamagaye." Buri gisekuru! Abo Yahamagaye, Yamaze kubaha ubwiza. Ni ibiki? Reka nsome Ibyanditswe hano. Ni byo.

Yari yarabagennye mbere, kuzahinduka abana Bayo binyuze muri Yesu Kristo, nk'uko Yabishatse . . .

*Ku bw'*ishimwe ry'*icyubahiro* Cyayo . . .

149 Ese murabyumva? Ku bw'ishimwe ry'icyubahiro Cyayo! Ko Yashoboraga kwicara aho mu bihe by'Iteka bizagenda bikomeza, kandi abana Bayo bagataka cyane bati: "Abba, Data! Abba, Data!"

150 Maze abamalayika bakavuga bati: "Barimo kuvuga iki? Barimo kuvuga iki?"

151 Bigaragara neza cyane mu nkuru y'umwana w'ikirara. "Nari narazimiye." "Uyu ni umwana wanjye. Yari yarazimiye none yatahutse. Yari yarapfuye, none yongeye kuba muzima. Muzane inyana y'umushishe, ikanzu nziza cyane, impeta muyishyire ku rutoki rwe. Reka . . ." Ntibitangaje igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe, abana b'Imana bavugije induru bishimye, ubwo babonaga gahunda y'agakiza, Imana ishyira izina ryawe mu Gitabo mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro.

152 Noneho mwavuga muti: "Calvin yizeraga ikintu nk'icyo." Sinizeraga Kaluvini. Kaluvini yari umwicanyi. Kaluvini yishe umuntu kuko yabatije mu Izina rya Yesu. Yari umugome, na we ubwe yagombaga guhinduka. Yego mugenzi. Ariko ibyo yavuze, ku bintu bimwe na bimwe, byari ukuri. Ntimukagire . . . ariko icyo . . . Igikorwa cye, umuntu wishe umuntu kubera ikintu nk'icyo, Ibyo ni bibi cyane, ni icyaha. Nta kibazo.

Aho yadusenderejeho . . .

153 Yoo, mutegereze gato, sinabonye uko "kugirwa umwana," si byo se? Ese natinze cyane? Reka turebe icyo iyi saha ivuga hano hejuru, isaha dufite. Ni byo. Gusa—mureke dufate iminota icumi kuri aba bantu bamaze igihe kirekire. Murebe. Murebe.

154 "Kugirwa abana," reka mbereke impamvu bikorwa ubu. Data afite ubwami bunini, abuzenguruka ku ifarashi. Dore yabyaye umwana w'umuhungu. Yoo, arishimye cyane! (Ibyo ni iby'Imana.) None se muzi icyo uwo mubyeyi akora? Abona umurezi mwiza cyane, umutoza. Muzi icyo umurezi ari cyo, murakizi? Ni umwarimu. Abona umwarimu mwiza cyane ashobora kubona mu gihugu cyose. (Noneho turagiye noneho, mutege amatwi.) Kandi abona umwarimu mwiza kurusha abandi bose ashobora kubona. Ntabwo apfa gusa gukubita, ahubwo arashaka ko umuhungu we aba umuntu nyawe.

155 Ese ntimushaka ko abana banyu baba muri ubwo buryo? Yego, mubahe ibyiza uko ushoboye kose! Yego, mugenzi. None se

niba umuntu wa kamere yaratekereje atyo, mutekereza ko Imana itekereza iki ku bana Bayo? Ibyiza Yashobora kubona.

156 Rero, arashaka umugabo uzaba inyangamugayo. Noneho, ntabwo ashaka umuntu. . . ashaka umuntu uvuga ati: "Noneho, reba, njye—njye. . . Junior, ukora icyo ushaka cyose, mukundwa." "Yego, papa, uh-huh, amerewe neza, ni umuhungu mwiza." Mukubite agakoni gato ku kibuno ukoze n'agace k'icyatsi ku ngofero ye. Oya, oya. Uwo musore yahita atomboka ako kanya. Rwose. Arashaka umugabo uzaba umunyakuri. Niba uwo muhungu ari muzima, mubwire. Niba atari we, mubwire ikibazo kirimo.

157 Kandi niba umubyeyi wo mu isi yatekerezaga ko. . . Ese ntiwakwifuza ko umugabo avugisha ukuri, umwarimu akavugisha ukuri ku bana bawe? Yego rwose. None se, utekereza ko Imana itekereza iki? Kandi Irabizi; twe ntabwo tubizi, Yo irabizi. Turi abagira iherezo, ntitwashobora kubimenya. Ariko Yo ntigira iherezo kandi irabizi.

158 Noneho, muzi icyo Data yakoze? Ntabwo yigeze avuga ati: "Ngiye gushaka papa kugira ngo yite ku bana Banjye." Nta rimwe Yavuze ati: "Ngiye kureba mu—musenyeri." Oya, oya. Ntabwo Yabikoze, kuko Yari azi ko papa ashobora kwibeshya, na Musenyeri nawe yari kwibeshya. Murabona? Ntiyigeze avuga ati: "Ngiye kureba umugenzuzi rusange yite ku matorero Yanjye." Oya, oya.

159 Yahawe Umwuka Wera. Uwo ni we wari Umutoza We, uh-huh, wo kurera abana Be. Ni byiza. None se mwamenya mute ko Umwuka Wera abizi? Avugira mu kanwa k'abantu. None se mwamenya mute ko avuga Ukuri? Iyo ubonye Umwuka Wera avuga anyuze mu kanwa kavuga Ukuri neza buri gihe, ahanura kandi bigasohora neza cyane, nk'uko Samweli yabivuze, noneho umenya ko ari Ukuri. Bigenda neza. Kubera ko Imana yavuze iti: "Niba avuga kandi ibyo avuga ntibisohore, ntimumwumve, 'kuko ntari kumwe na we. Ariko niba bisohoye, neza, noneho mumutege amatwi, kuko Ndi kumwe na we." Murareba? Murankurikiye. Nguko uko abikora.

160 Noneho, Arazenguruka. None se, mutekereza ko uwo Mutoza yavuga iki iyo Aza kuba agomba kujya hejuru kwa Se? Maze akavuga ati: "Abana—Bawe barimo kwitwara nabi. Ndakubwira, uriya muhungu wawe, we, ahaa, ni ikigomeke. Ni ikimashini, sinigeze mbona umuntu nk'uwo! Mbega, uzi ibyo akora? Hamwe n'uriya mukobwa Wawe! Yewe, sinzi icyo ugiye kumukorera. Hmm. Rero, Urabizi? Arasa neza nk'aho. . . Yisize amarange nk'abakobwa bamwe bari hakurya hariya. Abafilisitiyakazi. Yego, Mugenzi, arashaka kwitwara nk'uko bo bitwara."

"Umukobwa wanjye?"

161 “Yego, umukobwa Wawe.” Ibyo ni byo Umwuka Wera avuga ku itorero ry’uyu munsi. Ntibitangaje kuba tudashobora kugira ububyutse. Murabona? None, ibyo ni ukuri.

“Bite se ku mwana Wawe? Huh? Ni kimwe.”

“Ibiki?”

162 “Urabizi ko Wahoraga ubivuga ko izo ntama zigomba kuragirwa muri urwo rwuri ruri aho kuri ibyo Biryo by’intama. Yego, uzi icyo yakoze? Yabajugunye hariya muri icyo kirundo cy’ibyatsi bibi. Yabajyanyeyo gusa maze bose abadumbura muri uwo mugezi, nuko arabareka baryama muri uwo murundo w’ibyatsi bibi, barimo kurya ibyo biti bya wilowu’ bishaje, kandi bari bakennye cyane ku buryo bigoranye cyane kubivamo.” Abo ni abepiskopi, abapasiteri bahakana Imbaraga zabyo. “Rero, ndababwiza ukuri, sinigeze mbona itsinda ry’intama mu buzima Bwanjye zirakaye nk’izo.” Ntabwo akunda ibyo. Oya. “None se murabizi? Iryo shyo riri hano, Urabizi—Waribwiye ko rirya kuri iyo—iyo alufalufa iri hejuru hariya, Urabizi, kugira ngo ribyibuhe?”

“Yego.”

“Uzi icyo ariha?”

“Oya.”

163 “Abo ba ironiwidi. Yego. Arimo gutuma binjira mu mashyirahamwe n’ibindi byose. Ntabwo wigeze ubona ibintu nk’ibyo mu buzima Bwawe. Ntabwo wigeze ubona ibintu nk’ibyo mu buzima Bwawe. Uzi icyo arimo gukora? Arimo kugendagenda ahongaho kunywa isegereti rinini, yisubiza inyuma. Afite umugore we, yambara amakabutura magufi nk’uko Abafilisitiya babikora. Yego.” Ubwo ni bwo butumwa Umwuka Wera agomba gutanga ku itorero muri iki gihe. None se, murabitekerezaho iki?

164 Uko ni ukugirwa umwana. Ya . . . Yakoze iki? Yaduteganyirije mbere y’igihe—kutugira abana. Yaduhaye Umwuka Wera; ariko, mutegereze gato, kugirwa abana, ni byo tuvuga. Kugirwa abana!

165 “None se, uzi icyo akora? Ejobundi musenyeri yaraje, maze arambwira. Yari afite iteraniro rito ryo gukiza indwara hariya hepfo, maze umwepiskopi araza. Hari umugabo, umuvandimwe, waje asengera abarwayi. Maze aravuga ati: ‘Ibyo nimubihagarike!’

“‘Yoo, yoo, yego, data Musenyeri, nzabikora.’

“‘Ntimukifatanye nabo.’

“‘Yoo, oya, oya, data Musenyeri, ntabwo ari byo rwose.’

166 “Kandi dore ndaje mubwire Ukuri kw’Ijambo Ryawe. Dore, ngiri hano. Namusomeye amategeko Yawe neza icyo agomba gukora, ariko ntazayumva. Yaravuze ati: ‘Yoo, ibyo byari iby’ikindi gihe, undi mwana w’umuhungu ikindi gihe. Ibyo

ntibivuze ko ari njyewe.'" Ngaho rero. Ibyo, ni byo Kuri nyako, nshuti zanjye. None se ntubona aho itorero ribura umwanya waryo, Kuki tudafite ububyutse, kuki tudafite ibintu bikomeza? Aho ni ho bipfira.

167 Yosuwa aravuga ati: "Gadi, ndashaka ko u. . . hano hari umwanya wawe ukurikije igishushanyo mbonera, umwanya wawe uri hano, hano neza. Injira hano, Gad, ugume hano. Benyamini, manuka hano. Noneho mwese mugume kure y'umupaka w'Abafilisitiya." Yosuwa aragaruka, hano hose mu Bafilisitiya, bafite ibirori bikomeye bya kera, bibyinira gutyo gusa, kandi abagore bose bari bisize amarangi, babyina hirya no hino kandi bishimye. Yosuwa yishima mu mutwe, maze aravuga ati: "Noneho ni ibiki?" Ubu ni byo birimo kuba neza; si byose, Imana ishimwe, si byose, ahubwo ni byinshi cyane. Ni byiza.

168 Ubu se ni ibiki birimo kuba? Ni ko byagenze. Ntimutekereza ko uwo Muntu, Umwuka Wera, yishisha imbere ya Data iyo agomba kubivuga? Yoo, mbega! "Na—na—naramubwiye, ariko we—we—ntiyabiteze amatwi. Narabimubwiye, maze mwemerera no gusoma muri icyo Gitabo. Nari mfite—nari mfite umukozi w'Imana muto wazaga nuko mubwira ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko ari, kandi ko ari ko azahora n'iteka ryose. None se Wari ubizi? Yaretse umwe muri bo—arareka umwe muri abo bashumba b'ihene bashaje aza hano amubwira ko ibyo byari iby'ikindi gihe. Murabona? Kandi yanukaga nabi cyane igihe yageragayo, afite umunuko w'ihene, Murabizi, isegereti, kandi Urabizi, n'ibindi, byamunukaga nabi cyane ubwo yageraga hano. Murabona? Ariko ndakubwiye, uwo mushumba w'ihene yari afite imidari ihagije, yo, ndakubwiye, Uramutse wanditse izina rye mu kinyamakuru, byafata (inyandiko y'urupfu rwe) igice cy'urupapuro kugira ngo imyanya ye y'icyubahiro ikwirweho. Yego, Mugenzi, baramukunda cyane muri icyo gihugu, ariko ndakubwira ko atazi kugaburira intama. Icyo ni kimwe muri byo. Ntabwo azantega amatwi," ni ko Umwuka Wera avuga. "Nagerageje kumubwira ko uko Wari uri ejo ari ko uri uyu munsi, kandi ko ari ko uzahora n'iteka ryose, ariko we—we ntazabyumva. Ni we munyabwoba ukomeye kurusha abandi bose nabonye mu buzima bwanjye. Yego. Kandi itorero ryamugize umugenzuzi, umwepiskopi, n'ibindi, abantu bose bamutega amatwi. Hanyuma se urabizi? Bafata ibyo. . . bafite akantu gato gashaje hano hepfo bita 'televiziyo.' Ugafungura akantu gato gashaje *gutyo*, maze—maze abo bagore bakaza bakikomereza, imyenda migufi y'ubwoko bwose. Kandi, Murabizi, abakobwa Banyu benshi ba-. . . "

"Yoo, rwose si byo!" Murabyumva?

169 Vuga uti: "Yego, ni ko bameze. Yego, barabikora. Hum. Bamwe muri bo baratakamba bashaka ububyutse, Data, bamwe muri bo barabushaka cyane. Bamwe muri bo bagendera ku murongo, abandi muri bo bahagaze neza kuri iryo Jambo uko

bishoboka kose. Abandi, sinzi icyo nakora, bari—bari hanze cyane. Uzi icyo abandi bakora? Baraseka, bavuga bati: 'Ni itsinda ry'abasazi gusa.'"

"Ni byiza, ibyo bituma numva meze neza rwose."

170 Ariko ubu reka duhindure ishusho. Noneho Data, umuhungu We ni umuhungu mwiza. Se ahora hafi ye igihe cyose—iburyo, dore hari umutoza, ari we Umwuka Wera. Ni hehe Umwuka Wera, Yaravuze ati: "Ngiye kugenda," Umwigisha aravuga ati: "Ndi. . . "

171 Umwana aravuga ati: "Nzajyana nawe. Nzajyana neza nawe."

"Yoo, umusozi ni muremure cyane, mwana wanjye."

172 "Nzajyana neza nawe. Nabonye ibyiringiro muri Wowe. Nindamuka ntangiye kunanirwa, Azamfata ukuboko maze ankomeze."

"Ariko hari intare ziri hejuru ku musozi!"

173 "Ntacyo bitwaye igihe cyose Uri hafi, ntugire icyo uhindura na gito. Ndimo kugendana nawe."

"Hari ikibazo hejuru aho, ni amabuye ashaje."

174 "Ntacyo bitwaye, igihe cyose Ukimfashe ukuboko, nzagendana nawe. Nzagendana nawe."

"Yoo, muzi icyo ari cyo? Papa wawe yahoze akora ibyo." Murareba? Ni byiza. Yego mugenzi.

175 Zamuka hejuru y'umusozi hariya. "Yoo," Aravuga ati: "Urabizi, Data? Umwana wawe ameze nk'agace gato k'ibuye rya kera. Nawe ni ko ameze, ameze nkawe rwose. Ijambo ryose Uvuga, aravuga ngo 'amina' kuri ryo. Na—namusabye kurihindura muri Bibiliya undi munsi, hanyuma Aravuga ati: 'Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose.' Uzi icyo yavuze? Yaratatse cyane maze ashyira amaboko ye hejuru, maze aravuga ati: 'Haleluya! Amina!' Yoo! Kandi Uzi ko byavuzwe hano, mu—mu Ijambo Ryawe, Urabizi, aho Wavuze uti: 'Imirimo, unyizera wese, imirimo nkora na we azayikora?'"

176 "Yego, ndibuka nabyandikiye umuhungu wanjye. Yego, ndibuka narabyanditse."

177 "Yoo, abibonye, arataka cyane maze arasimbagurika, arasakuza cyane, 'Haleluya, Mwami. Nkuraho iby'isi byose. Mpindura Uko!' Yego, Mugenzi. N'ibyo bintu byose yakoze!"

178 "Yoo," Data aravuga ati: "Ndi—Ndishimye kubw'uriya mwana. Ni umwana mwiza. Ni byo. Mukomeze mumukurikirane imyaka mike, murebe uko azagenda arushaho kwitwara neza, n'uko azagenda atera imbere." Nyuma y'igihe gito imyaka uko ihita. "Ameze ate?"

179 “Yewe, mbega, arimo gukurira mu buntu! Yewe, mbega! Arimo gusa . . . Arimo kurasa amasasu mu ishyamba. Ndakubwiye, we—ni we koko . . . Kubera iki, afata intama, akazifata nk’uko—nk’uko Wowe uzifata. Ntazigera aziha ibyatsi byo mu nyanja. Ntazigera aziha ibyatsi byo mu bwoko bwa ayironi. Ubwo bazaga bavuga bati: ‘Turashaka kwinjira mu itorero,’ aravuga ati: ‘Funga umunwa wawe, ntabwo ubikeneye! Oya, mugenzi. Hano hari ibyo mukeneye, “Nimwihane kandi mubatizwe, buri wese muri mwe, mw’Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu. Mubone guhabwa impano y’Umwuka Wera.’” Yego, mugenzi, hariho ibyo yavuze.”

“Oh, ese koko yarabivuze?”

“Yego, Mugenzi, koko yarabivuze.”

“Ni byiza, uko ni ko nabyanditse.”

“Uko ni ko abivuga.”

“Hmm!” Yego, mugenzi.

180 “Bamwe muri bo baravuze bati: ‘Mugume mu mujyi wa Yerusalemu kugeza mwuzuye imbaraga zivuye mu Ijuru. Kugeza ubwo Umwuka Wera azabamanukira, muzaba abagabo bo kumpamya uhereye i Yerusalemu, I Yudaya na Samariya, no mu mpera z’isi.’ Ubwo yasomaga ibyo, yararanguruye ati: ‘Haleluya, ibyo ni byo mukeneye!’ Muzi icyo akora? Yabagumishije aho kugeza bawubonye, ni byo gusa, agumana nabo neza.

181 “Nuko batangiye kwitotomba, aravuga ati: ‘Whoop, whoop, whoop, mutegereze gato, mutegereze gato. Uko ni ko ihene zikora, si intama.’ Murabona? Murabona? Yoo, hari igihe bamubabaza gato, ariko akabakubita agashyi gato ku kibuno, akababwira ati: ‘Mutegereze gato, sh-sh, sh-sh, sh. Nta kibazo.’ Mu by’ukuri azi uburyo bwo kugenzura intama. Yego, Mugenzi, ndababwiye.

182 “Ibyo murabizi? Nabonye Musenyeri Mukuru *uyu-n’-uyu* amubwira ko ‘adashobora kuza muri *uyu* mujyi ngo akoreshe amateraniro.’ Ariko, Murabizi, naramwohereje nitonze, ndamubwira nti: ‘Genda uko byagenda kose.’ Murabona? ‘Kuramo izi kaseti, kandi ntuzireke ngo zisohoke.’ Twaragiye uko byagenda kose! Twagiye muri iyi mijyi hano, ndavuga nti: ‘Rero, ntituza . . . ’

183 “Kandi murabizi, dayimoni yagiyeyo, ndavuga iti: ‘Ngusezeranije ko nshobora kumurinda muri uwo mujyi.’ Naravuze nti: ‘Ntabwo wabikora. Nimumubwira ngo agende, azagenda. Ndahamya ko azagenda.’ ‘Oya, oya, oya, oya, oya, nzamubwira. Nzamanuka mbabwire nti: “Noneho, abakozi banjye mwese, mwese muhurize hamwe. Ntimushaka ubwo bufana bwa kera bwa hano hepfo, ubwo buvuzi bwose bwa kera buturuka ku Mana n’ibyo bintu bya kera by’Umwuka Wera. Ibyo byarangiranye n’intumwa mu myaka yashize. Murabizi ko nta

cyiza kirimo, ni ibya kera."' Bagerageza kubaha ibyatsi bishaje byo mu bwoko bwa ayironi, ibintu nk'ibyo byose. Bo. . .

184 "Ariko, Murabizi, yakomeje kujyayo uko byagenda kose. Yagiye ahongaho maze ntangira kuzinagira ubwatsi bwa luseni, buvuye. . . Kandi murabizi, izo ntama zatangiye kurya, zirimo kubyibuha uko bishoboka kose. Yego, Mugenzi. Mu gihe bari mu gikorwa cyo gukiza indwara mu materaniro kandi, murabizi, benshi muri bo bakiri bato baratangira. Yego, babonye niba zabonye ubwatsi butoshye nk'ubwo bwa luseni. Muzi icyo zabukoresheje? Byari biryoshye cyane kugeza ubwo birutse bajya ku baturanyi babo, bakababwira bati: 'Nimusogongere kuri Ibi! Nimusogongere kuri Ibi! Nimusogongere kuri Ibi!' Murabona, ikirere cyari kiri aho cyari kimeze neza nk'iki cya hano. Hano ni ko kimeze. Hano ni ko kimeze, murabona. 'Nimwihane, buri wese muri mwe, abatizwe mw'Izina rya Yesu, murebe, murabona Umwuka Wera. Ni ku muntu wese ubishaka, naze, mureke aze hano arebe icyo Bibiliya ivuga.' Murareba? Kandi barishimye cyane hariya hepfo."

185 "Yoo, uwo ni Umwana Wanjye! Uwo ni umuhungu Wanjye. None se Mutekereza ko yari akomeye mu mutwe?"

186 "Yego. Ni byo rwose," ni ko Umwuka Wera yavuze. "Namuhaye isuzuma. Umuhungu, Nagerageje kumugenzura muri *ubu* buryo no muri *buriya;* Namukubise hasi, ararwara, ndetse Namucishije bugufi cyane. Naramukandagiye, Ndamureka shitani imukorera byose yashoboraga gukora, ahita yongera aragaruka. Yaje uko yari ameze. Murabona, yongeye kuzamuka. Namuteje kurwara. Nakoze *ibi.* Namurekeye mu bitaro. Naramuzanye *hano*. Nakoze *ibi*, Nkora na *biriya*. Natumye umugore we amuhinduka, Ntuma abaturanyi be bamuhinduka, Mpindura ibintu byose. Ibyo ntacyo byahinduye. Yaravuze ati: 'N'ubwo Yanyica, nzamwizera.' Nishe umuryango we. Nafashe *ibi,* Nakoze *ibi*, Nakoze *ibi* byose, nakoze *ibi*, *biriya, ibindi.* Ariko yakomeje guhagarara adashidikanya ati: 'N'iyo Yanyica, nzamukorera! Ni Uwanjye!'"

187 "Erega! Ntekereza ko dukwiye kumujyana ahantu runaka hihariye, maze akakirwa nk'umwana wacu."

188 Noneho, ubwo rero, mu Isezerano rya Kera, byumvikanaga ko umuhungu we yari amaze gukura, kandi yari ageze igihe cyo kugirwa umwana. Kugeza! Bavuka ari abana, ariko, yari amaze kugirwa umwana ako kanya. Ariko icyo gihe nta kindi bazigera baba cyo uretse abana gusa, abana basanzwe gusa, kugeza igihe bakuriye maze bakagaragaza icyo bari cyo. Hanyuma, akabona kumuhamagara.

189 Ubu turi hano, torero. Muriteguye? Noneho biratinze gato, umuntu wese akuruma urutoki, akagukomeretsa ubugingo, akagakura umutima, umunota umwe gusa. Murabona? Noneho tugiye gushyira itorero mu mwanya. Noneho iyo itorero rigeze

muri uwo mwanya, Aravuga ati: "Manase, umwanya wawe uri hano. Efurayimu, uwawe uri hano."

190 Hanyuma akamujyana ahantu runaka, se akabigenza atyo, maze akamushyira ahantu hirengeye nk'*aha,* nuko agakora umuhango, maze bose bakaza. Nuko akavuga ati: "Ndashaka ko buri wese amenya ko uyu ari umwana wanjye, kandi namugize umwana wanjye. Kandi ndashaka ko umuntu wese amenya, kuva ubu, ko izina rye . . . ndamwambika, mwambike ikanzu idasanzwe. Kandi ndashaka ko mumenya ko izina rye ryemewe kuri sheki iyo ari yo yose nk'uko izina ryanjye ryemewe. Ni umwana wanjye, mugize umwana mu muryango wanjye, n'ubwo yahoze ari umuhungu wanjye kuva akivuka. Kuva yakiriye Umwuka Wera, ni Umwana Wanjye. Ariko ubu ngiye kumushyira mu mwanya we mu buyobozi. Uwo yirukanye aba yirukanwe, uwo yashyize mu kazi aba yashyizwemo.

191 "Kandi ni ukuri, ndababwiza ukuri, niba ubwiye iki giti, niba ubwiye uyu musozi ngo, 'Imuka,' kandi ntushidikanye mu mutima wawe, ahubwo ukizera ko ibyo wavuze bizasohora, ushobora kubona ibyo wavuze." Murareba? Dore aho mugeze; aho ni ho mugeze. Murareba? "Ni umwana Wanjye." Ni bangahe bazi ko kugirwa umwana, ko ba . . . bareze uwo mwana nyuma y'uko agaragaje ko ari . . . Umuntu wese wigeze gusoma Bibiliya, agashyira umwana mu mwanya we.

192 Noneho, Imana yakoze nk'ibyo ku Mwana Wayo ubwo yazamukanaga Yesu ku musozi wo guhindurirwaho. Yajyanye Petero, Yakobo na Yohana hejuru, abo ni abahamya batatu b'isi. Hari hari Yesu, Mose na Eliya, n'Imana, hejuru y'umusozi. Bahagaze aho hejuru y'umusozi. Kandi, ikintu cya mbere muzi, bararebye, maze Yesu ahabwa ubwiza imbere yabo. Si byo se? Ni bangahe bazi ko ibyo ari Ibyanditswe? Yakoze iki? Ya—Yamwambitse ikanzu y'ubudapfa. Maze aravuga ati: "Imyambaro Ye yarabagiranaga nk'izuba." Si byo se? Igicu kirabatwikira. Petero na Yohana na bo bagwa hasi bubamye. Barebye, babona Mose na Eliya barahagaze barimo kuvugana na We. Kandi Mose yari yarapfuye, kandi yashyinguwe mu mva itaramenyekana mu gihe cy'imyaka magana inani. Kandi Eliya yajyanywe n'igare rye mu Ijuru, imyaka magana atanu mbere y'aho. Yewe! Ariko bari bagihari! Aho ni ho bavuganaga na We. Murabona, yari yazamuye Yesu kugira ngo abarebe, arebe ibyo ari byo, arebe ahongaho, amwereke ibi bintu. Bavugana na We, bagirana ikiganiro na We.

193 Hanyuma Petero akimara gusubiza amaso inyuma abona icyubahiro cyavuye kuri Yesu, babonye Yesu wenyine, nuko Ijwi rituruka kuri kiriya gicu, riravuga riti: "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda, mumwumvire! Izina Rye ni ryiza nk'Iryanjye ubu. Mumwumvire!" Nguko uko bimeze, abahungu bagizwe abana, cyangwa bashyizwe mu mwanya.

194 Noneho, aho ni ho Imana igerageza gushaka itorero rya Pentekote mu Gitabo cy'Abefeso. Murabona? Mu—murabyumva? Tugomba gufunga kuko twakerewe, murabona, abana batangiye gusinzira. Kandi nashakaga kumanuka hano kuri uyu murongo, ariko sinshobora kubikora, kugeza ku—ku murongo wa 13, nimurebe, igice cya nyuma, "ikimenyetso cy'Umwuka Wera w'isezerano." Tuzabirebaho ku Cyumweru, murebe. Mwitegereze. Noneho, ni gute, ni iki kitwinjizamo, kandi ni gute biduherana.

195 Ariko noneho "gushyirwa mu mwanya," mumeze mute? Muri imfura mu Bwami bw'Umwuka Wera. Ni bangahe babizi? Yego. Icya kabiri, mwagenewe iki? Kugirwa umwana. Icyo ni iki? Wagenewe mbere y'igihe gushyirwa mu mwanya.

196 Yoo, Mushiki wacu Scott, ndizera ko ari byo, wicaye hano. Si wowe wari uri mu rugo uyu munsi? Inyigisho izenguruka ahantu runaka ku isi, mu bice bitandukanye by'igihugu, narabyumvise, byinshi, Ko Yesu ari hano ku isi, agendagenda mu mubiri, araza agakora *ibi*. Ibyo ni ibinyoma! Umwuka Wera ari hano, kandi arimo kugerageza gushyira Itorero Rye mu buryo, kugira ngo Itorero Rye ribe mu buryo bwiza, rishyirwe mu Gihugu cy'isezerano, kugira ngo babashe kwinjira . . . kugira ngo abanzi bose birukanwe.

197 Manase ntashobora gufata ubutaka bwe. Sinshobora kugira iteraniro ryo gukiza indwara mu gihe kimwe cya kabiri cya . . . igihe . . . Njyayo nkabwiriza umubatizo mu Izina rya Yesu Kristo, n'aba—n'abavandimwe b'abanyabutatu bavuga bati: "Yoo, ni Yesu wa kera Wenyine." Kandi sinshobora kuza hano ngo tubone gukira indwara guturuka ku Mana mu gihe kimwe cya kabiri cyabo kivuga kiti: "Gukira indwara guturuka ku Mana ni kwiza," kandi benshi muri bo bahakana ibitangaza by'Umwami maze bakavuga ngo: "Ni byiza, nizera ko mwene Data Branham ari umuhanuzi, ariko reka mbabwire ikintu. Igihe cyose Umwuka amuriho, kandi akaba afite ubushishozi, ni umugaragu w'Umwami. Ariko Inyigisho ze ziraboze, ntabwo ari nziza." Ni nde wigeze yumva iby'ubupfu nk'ubwo? Ni Imana cyangwa si Imana. Ni byo. Ni Imana yuzuye cyangwa nta Mana. Uko ni ko bimeze. Ariko se ni gute muzabigira? Manase ntazaguma ku butaka bwe, Efurayimu ntazaguma ku butaka bwe, Gadi ntazaguma ku butaka bwe, Benyamini ntazaguma aho ari, bose barimo kwirukanka hano n'Abafilisitiya, kandi bose baravangiwe. Tuzashyirwa mu mwanya dute? Ariko twese twavutse ku bw'Umwuka Wera. Si byo se? Twavukiye iki? Twagenwe mbere . . . Hanyuma nyuma yo kuvuka, twagenewe mbere kugirwa abana, gushyirwa mu Mubiri wa Kristo. Murabona icyo nshaka kuvuga?

198 Umubiri wa Kristo ni iki? Bamwe ni intumwa, abandi ni abahanuzi, abandi ni abigisha, abandi ni abavugabutumwa, abandi ni abashumba. Si byo? Twarahamagawe. Abandi bafite

impano zo kuvuga indimi, gusobanura indimi, ubwenge, ubumenyi, ibitangaza, ikorwa ry'ibitangaza, izi mpano zose ziratandukanye. None se bakoze iki? Bazishyize mu bikorwa ho gato. Ngo iki? Reka zigende nk'aho ntazi icyo ari cyo. Umwe arahaguruka, akavuga mu ndimi, undi akagenda avuga ati: "Blrr, blrr, blrr, blrr, blee." Uh-huh. Umubwiriza azaba arimo kubwiriza, ahamagarire abantu kuza ku gicaniro, maze umuntu ahaguruke, avuge mu ndimi ati: "Haleluya! Imana ihabwe Icyubahiro!" Niba—niba umubwiriza akomeje ubutumwa bwe, asizwe amavuta, hanyuma abantu bakavuga bati: "Umusaza wasubiye inyuma." Murabona, ni ukubera ko batigishijwe.

199 Bibiliya yavuze ko umwuka w'abahanuzi ugengwa n'abahanuzi. Imana si yo nyirabayazana w'urujijo. Iyo mpagaze hano, cyangwa umukozi w'Imana hano ari munsi y'ugusigwa kw'Imana, Uko waba ushaka kuvuga mu zindi ndimi kose, uraceceka kugeza igihe Imana irangirije hano. Hanyuma niba uvuga mu zindi ndimi, ntabwo bishobora kuba ari ugusubiramo gusa Ibyanditswe Byera, kuko Imana yavuze ngo ntugakoreshe amagambo adafite umumaro. Ariko ni ubutumwa bugenewe umuntu uwo ari we wese. Mbaza rimwe, zamura urutoki rwawe ku gihe kimwe rugume ku Mwuka Wera, munsi y'ubushishozi, yabwiye umuntu, asubiramo Ibyanditswe Byera inshuro nyinshi. Byababwiye ikintu kitari cyiza kuri bo n'ikintu bakoze, n'ikintu bagomba gukora cyangwa ikintu cyagombaga kubaho, cyangwa ikintu nk'icyo. Si byo se?

200 Uko ni ko kuvuga indimi no gusemura indimi bimeze! Niba hari umwe mu itorero uvuga mu ndimi, undi akazisemura, navuge ibi: Mwene Data Neville nahaguruke avuge mu ndimi, maze uyu mwene Data uri hano atange ubusobanuro, avuge ati: "Bwira uyu mugabo uri hano ko ejo yasohotse hano agakora ikintu atagombaga gukora. Noneho uyu munsi umuganga yamubwiye ko arwaye kanseri. Genda ukosore icyo kibazo, garuka hano wigorore n'Imana."

Umuntu aravuga ati: "Ni ukuri, ni ukuri." Ubwo Imana iba iri kumwe nawe.

201 Ariko se tuzabikora dute muri ubu buryo? Murabona? Ni "Blmp, blrr, blrr, blrr." Mu buryo butunguranye, uko byagenda kose, nta mwanya wabyo na muto uhari. Noneho ibyo ni...Murabona, Abefeso, barageraheza...Murabona, barabyirengagiza. Murabona ukuntu babyirengagiza? Twagenewe kugirwa abana! None se ni bangahe bumva icyo nshaka kuvuga? Muzamure ibiganza byanyu. Kugirwa umwana! Twavutse mu Mwuka w'Imana, yego, twakira Umwuka Wera, maze tugagasakuza tuti: "Abba, Data! Haleluya! Imana ihabwe Icyubahiro!" Ni byo koko, turi abana, ariko ntaho dushobora kugera. Ntidushobora gukubita Umufilisitiya.

202 Murebe Billy Graham ahagaze aho. Kandi uriya Mohammedan aravuga ati: “Byerekane.”

203 Reba Jack Coe ahagaze hariya hepfo. Kandi uwo muhakanyi, iryo torero rya Kristo rihana ikiganza n’umuhakanyi uri aho, maze bagafatana ibiganza. Bivugwa ko ari Abakristo, kandi bagahana ibiganza n’umudayimoni nka Joe Lewis, utekereza uko yishakiye, ndetse batuka Imana bavuga ngo: “nta kintu nk’icyo cyabayeho kimeze nk’Imana, uko byagenda kose,” n’ibindi nk’ibyo. Kandi itorero ryiyita itorero rya Kristo, guhana ibiganza na we, no gufata uruhande rurwanya Mwene Data Jack Coe. Tuzakora iki? N’Abapentekote, benshi muri bo, baramurwanya; igihe, buri muvugabutumwa mu gihugu cyacu yagombaga guhagararana na we, akavuga ati: “Mana, ohereza Imbaraga Zawe.” Murabona, turi hano, aho bidashobora guhabwa umwanya.

204 Ephraim ntashaka kugumayo. Umwe muri bo aza hano, tubona Manase ageze hano, aravuga ati: “Yoo, mbega, Uwiteka ampaye umurima mwiza w’ibigori!” Hanyuma hano haza, Gad, aravuga ati: “Noneho, tegereza umunota umwe. Ngomba guhinga ingano, ariko ndahinga n’ibigori. Haleluya!” Murareba? Nta cyo upfana n’ibigori; shaka ingano, ni zo ugomba guhinga. Ntabwo ugomba kuragira intama mu gihe ugomba kuragira inka. Imana irashaka gushyira Itorero mu mwanya waryo. Ariko buri wese muri bo arashaka gukora ikintu nk’icyo. “Haleluya!” Ntushobora kubabwira ikintu cyerekeranye na cyo. Oya, oya. Baracyafite ya mimerere y’ihene yo guhebeba, “meee, meee, meee, meee, meee, meee, meee.” Murebe, ntimushobora kubibabwira. Ni byo. None se, ibyo si byo? Kandi ntimushobora gushyira itorero mu mwanya. Murabona?

205 Itorero rigomba kuba ryaragenewe kugirwa abana, aho umuntu. . . Imana ishobora gufata umuntu ikamwemera mu muryango, ikamuha ikintu. Ibyo, mbere na mbere mugerageze ibyo murebe niba ari byo. Bibiliya yaravuze ngo mugerageze umwuka. Uyu muntu avuga ikintu runaka, mugeragezre murebe niba ari ukuri. Niba ari ukuri, mukomeze mugifate neza. Hanyuma muvuge muti: “Mwami, duhe ikindi kintu.” Mukomeze mugende, murabona, mukomeze mugende kugeza igihe buri muntu wese afatiye umwanya we. Hanyuma uzabona itorero ry’Imana ritangiye gufata umwanya waryo. Ubwo ni bwo Abafilisitiya bazajya inyuma. Agakabutura kagufi kazacika, umusatsi uzakura, mu maso hazakaraba; itabi rizabura. Ni byo koko. Igihe Itorero ritangiye kwinjira mu Mbaraga zaryo zikomeye, igihe dufite Ananiya na Safira, hamwe na bake muri bo. Yego, mugenzi. Uzabona igihe iryo Torero ryera rizahagarara hamwe mu mbaraga Ze, bashyizwe mu mwanya wabo nk’abana b’Imana, bakirwa mu muryango w’Imana, Itorero rikomeye rihagaze aho mu ikuzo ryaryo. Oh, icyo ni cyo kimuzanye.

206 Murabona ukuntu turi kure cyane, bavandimwe?

Ntimushobora no guhurira ku Byanditswe Byera. Kandi umuntu wese, umuntu wese udashobora kubona umubatizo w'amazi muri Bibiliya, mu Izina rya Yesu Kristo, ni impumyi cyangwa ikindi kintu kibi. Ni byo. Kandi aho ni ho intambara ikomeye iri.

207 Nza—nzabwira umuntu wese anzanire Ibyanditswe aho umuntu uwo ari we wese yigeze abatizwa mu rindi zina iryo ari ryo ryose ritari Izina rya Yesu Kristo, mu itorero rishya. Cyangwa, niba yarabatijwe mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, yagombaga kongera kubatizwa mw'Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo abone Umwuka Wera. Uzaze unyereke. Nta kintu nk'icyo kibaho. Nta nshingano nk'izo zibaho. Ubwo Yesu yavugaga hariya ati: "Nuko mugende mwigishe amahanga yose, mubabatize mu Izina rya Data, n'Umwana, n'Umwuka Wera," Data, Umwana, cyangwa Umwuka Wera, nta zina na rimwe ririmo, nta na rimwe muri yo, Petero yarahindukiye, nyuma y'iminsi icumi, aravuga ati: "Nimwihane, kandi mubatizwe, buri wese muri mwe, mw'Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo mubone kubabarirwa ibyaha." Kandi ahantu hose muri Bibiliya . . .

208 Hanyuma hari bamwe babatijwe hariya hepfo, mu bundi buryo, na Yohana, kugira ngo bihane gusa. Pawulo yaravuze ati: "Ugomba kongera kubatizwa. Ugomba kongera ukagaruka."

209 "Yoo, ariko twabatijwe n'umugabo wejejwe ukomeye, Yohana. Yabatije na Yesu."

210 "Ni byiza, ubu ni Ubutumwa bwiza. Uyu ni Umwuka w'Imana wagombaga kumpishurirwa. Ndi intumwa y'Umwami, kandi n'iyo yaba umumalayika wo mw'Ijuru uje abwiriza ikindi kintu cyose . . . "

211 Reka mbisome. Bibiliya yaravuze iti: "N'iyo yaba mala- . . . " Pawulo yaravuze ati: "N'iyo yaba malayika wo mu Ijuru uvuze ikindi kintu," Musenyeri, Umwepiskopi Mukuru, Papa, Umugenzuzi, icyo yaba ari cyo cyose, "Niba abwirije ikindi kintu kirenze Ibi nababwirije, avumwe." Nta . . . Nta mipaka nk'iyo tugira. Oya, mugenzi. Wowe gusa . . . Nta kintu nk'icyo kibaho. Wowe, twebwe . . . Hanyuma—hanyuma, murebe, kuki hariho abantu badashobora kubibona? Kuki hariho abantu bataza—bataza—batazabyizera? [Mwene Data aravuga ati: "Bagenwe mbere y'igihe."—Ubwanditsi.] Murabona? Hari umuntu wabitangaje ahongaho, Gene. "Bagenwe mbere y'igihe," neza cyane. Kuki? "Abo Data yampaye bose bazaza" (Ngo iki?) "bazaza aho Ndi." Mbega ukuntu ari ko bimeze! "Abo Data yampaye bose bazaza—bazaza aho Ndi." Ikibazo cyanjye ni ikihe, ndimo kugerageza gushakisha hano? Dore turi hano. Nta kibazo.

212 Reka nsome uyu murongo hanyuma mbabwire ibyo Pawulo, ibintu na . . . Ubutumwa nabwirije uyu mugoroba, dore icyo Pawulo yavuze ku byerekeye gutoranywa mbere y'igihe, ku

mubatizo w'amazi mu Izina rya Yesu, umubatizo w'Umwuka Wera, uko ibintu byari biri mu rusengero, n'ibindi. Dore ibyo yavuze:

> *Ndatangaye* (ambwira aba Bagalatiya) *ko* mwavuye *vuba cyane kuri uwo wabahamagariye* kujya . . . *mu buntu bwa Kristo* (Mfite isoni nyinshi kuri mwe, mu yandi magambo, ko mwemerera umuntu akaza hano, akabajyana kure y'Ibyo.) *mukajya mu yindi myizerere*:
>
> *Ibyo si ibindi; ariko hari abagutera ubwoba, kandi* byabuza *ubutumwa bwiza bwa Kristo,* bikabuza *Ubutumwa bwiza* nyakuri *bwa Kristo*.

213 Ariko murebe. Noneho, nimwibuke, yari Pawulo wavuguruje abantu bose batabatijwe mw'Izina rya Yesu Kristo, ngo baze babatizwe bundi bushya mu Izina rya Yesu Kristo. Ni bangahe bazi ko ari byo? Ni bangahe bazi ko ari Pawulo wavuze ko aya mabanga yahishwe kuva isi yashyirwaho urufatiro, kandi agahishurirwa, ko twagenewe mbere kuba abana b'Imana mu kugirwa abana, yari Pawulo? Murebe hano icyo yavuze:

> *Ariko n'iyo yaba twe, cyangwa malayika uturutse mu ijuru, ubabwirije ubutumwa bwiza butandukanye n'ubwo twababwirije, uwo na we navumwe*.

214 Gusa ntuzavuge uti: "Ntabwo nemeranya nawe, mugenzi." Reka avumwe gusa. Reka nsome umurongo ukurikira:

> *Nk'uko twabivuze mbere, nanjye ndabisubiramo nonaha, Niba hariho ubwiriza ubutumwa bwiza butandukanye n'ubwo twakiriye, uwo muntu navumwe*.

215 Ni byo. Noneho, mwene Data, mushiki wanjye, niba yari Imana ejobundi, kandi nda—ndabivuze, nizeye ko ntarimo kugaragaza kutubaha, byatumye njya kureba aka kantu gato . . . Noneho, ndumva nuzuye ibyishimo; sinkeka ko ari ukugira ibyishimo, ahubwo numva mpamwe umugisha mu gihe ndimo kubwiriza. Numva atari njye maze nkabagumisha hano kugeza igihe menyeye ko mufite ibitotsi kandi munaniwe. Ariko, oh, njyewe . . . Iyaba—iyaba mwashoboraga kumenya gusa uko mbifuza hano! Murabona? Kandi ubwo, nongeye kuvuga ibi rimwe, ubwo . . . ubwo Yavugaga . . . naravuze nti: "Byakunda . . . "

Yaravuze ati: "Ese wifuza kureba iherezo icyo ari cyo?"

216 Nashubije amaso inyuma mbona ndyamye aho ku buriri. Nta gushidikanya ko mumaze igihe kirekire munzi neza ku buryo mumenya ko—ko—ko mbabwiza Ukuri. Ndashaka kubabaza ikintu, nk'uko Samweli yabivuze mbere y'uko basuka amavuta kuri Sawuli, Ese hari icyo nigeze mbabwira mu Izina ry'Umwami kitabaye ukuri? Si byo se? Buri gihe byabaga ari ukuri. Ese nigeze nza kubasaba amafaranga cyangwa ikindi kintu nk'icyo? Oya, murabona, ntabwo nigeze mbikora. Nigeze nkora ikintu icyo

ari cyo cyose uretse kugerageza uko nshoboye kose kugira ngo mbayobore kuri Kristo? Ni ukuri.

217 Noneho barashaka kuvuga ko mfite ubushobozi mu gutekereza ibiri mu bandi, murabizi, umuntu utekereza ibintu bidasanzwe. Birumvikana ko ibyo bintu bigomba kuzabaho, Bibiliya yavuze ko ari ko bizagenda. Nk'uko Yambure na Yane barwanyije Mose, bakoze neza ibijya gusa n'ibyo Mose yakoze, kugeza bibaye ku mugaragaro. Ni byo koko. Ariko mwibuke ko Yambure na Yane batashoboraga gukiza indwara. Ntabwo bashoboraga gukiza. Bashoboraga kuteza indwara z'ibyorezo, ariko ntibashobore kuzikiza. Murabona? Ni byiza. Noneho, Imana ni yo ikiza. Ijambo ry'Imana riguma ari Ukuri.

218 Nagerageje kuba inyangamugayo kuri mwe. Nagerageje kubabwira Ukuri. Namaze—maze. . . imyaka igera kuri mirongo itatu n'umwe, mpagaze kuri iyi iki gicaniro, igihe cyose, imyaka mirongo itatu n'umwe, kandi hari igihe nzava hano nkajya mu Bwiza, mvuye iruhande rw'uru ruhimbi. Hari umugore, umukobwa, umupapa, mwene Data, bose bahambwe hakurya hariya, inshuti z'agaciro. Narebye amasanduku yabo n'indabyo zashyizwe hano, kandi nzi ko umunsi umwe hazaba harimo iyanjye, na yo. Ubu, Ibyo ni ukuri. Ariko mu by'ukuri, mbikuye ku mutima wanjye wose, ndabibabwiye n'umutima wanjye wose, Nizera ko nabwirije Ubutumwa bwiza nyabwo bw'Umwami Yesu Kristo. Nizera ko mugomba kubatizwa, buri wese muri mwe, mu Izina rya Yesu Kristo, kandi mukakira umubatizo w'Umwuka Wera. Kandi igihe cyose mubikoze, bizabazanira ibyishimo, amahoro, kwihangana, ineza, ubwiyoroshye, ubugwaneza, kwihangana, kwizera.

219 Kandi ejobundi, ibyambayeho muri icyo gitondo, simbizi. Sinshobora kuvuga niba nari ndi hano ku mubiri wanjye maze nkabona iyerekwa gusa, cyangwa se niba narajyanywe kure ya hano, hariya. Simbizi, sinabivuga. Ikintu kimwe nzi ni uko—buri gihe nagiraga ubwoba bwo gupfa, ako gace gato karababaza. Ariko sinagiraga ubwoba ko Yesu yari kuza kuntwara, rero, ntabwo nabitinye, 'kuko nta—ntabwo nabitinye; ariko iyo nza guhura namwe nkaba nk'igihu gito gusa gisanzwe kiguruka mu kirere. Ariko ubu ndabibona. Igihe nabonaga abo bantu, bari abantu nyabo. Kandi bari abantu bigeze kwifatanya nanjye hano ku isi, ndetse no ku mugore wanjye wa mbere. Ntabwo yari umugore wanjye, yari mushiki wanjye. Ntiyigeze anyita umugabo we, ahubwo yanyitaga mwene Data we mukundwa. Nta mibonano mpuzabitsina, nta byiyumvo nk'ibyo byari bihari, ntibyashobokaga kuba; byari bitunganye, byari uburyohe, byari bitunganye.

Ndimo kwibaza, simbizi, ndimo kwibaza: Ese ibyo ni byo yabonye mbere y'uko ava ku isi? Igihe yari ari mu bitaro, ubwo namuhamagaraga, maze aravuga ati: "Billy, warabibwirije,

wabivuzeho, ariko," aravuga ati: "ntiwari uzi ibyo ari byo." Yaravuze ati: "Nta cyifuzo cyo kuguma hano mfite."

220 Ndibaza niba ari ibyo, hamwe n'uwo musaza w'umukiranutsi, umusaza w'intungane F. F. Bosworth, wari uhagaze kuri iki gicaniro, wagiye abwiriza hamwe nanjye hirya no hino mu bice bitandukanye by'isi. Umusaza F.F. Bosworth, mwese, hafi ya mwese, mwaramumenye; umusaza w'umukuranutsi kandi w'intungane. Amasaha abiri mbere y'uko agenda, yego, nk'icyumweru kimwe cyangwa bibiri mbere y'uko agenda, Nagiye iwe nsanga aryamye inyuma ahongaho, yari umusaza ukuze cyane, hafi y'imyaka mirongo icyenda y'amavuko. Yarambuye amaboko ye mato kandi ashaje, agaragaza umutwe we muto udafiteho umusatsi n'ubwanwa bwerurutse bwari mu maso he. Nafashe uwo musaza mu maboko yanjye maze ndataka cyane nti: "Data, data, amagare ya Isiraheli n'abagendera ku ifarashi bayo."

Kuko niba hari umuntu wigeze ahagararira umurimo wa Pentekote kandi akaba intumwa nyayo, yari F.F. Bosworth, Ivanjili iboneye, igororotse, nyayo, murabona, yari Bosworth. Kandi ubwo namufataga mu maboko yanjye, maze ngataka nti: "Data, data, amagare y'intambara ya Isirayeli n'abagendera ku mafarashi bayo."

221 Yaravuze ati: "Mwana wanjye, guma ku murimo." Aravuga ati: "Nimuneshe bamwe muri aba basore mu ruhando rw'amahanga, niba mubishoboye, mbere y'uko babona abafana benshi hariya. Bashyire ubwo Butumwa bwiza nyakuri ufite, mwana wanjye." Aravuga ati: "Umurimo wawe ntabwo uratangira kuba icyo uzaba cyo." Aravuga ati: "Uri ikimenyetso gishya Branham." Ati: "Uri umusore, umwana w'umuhungu."

Ndavuga nti: "Mwene Data Bosworth, mfite imyaka mirongo ine n'umunani."

222 Aravuga ati: "Ntabwo uratangira." Aravuga ati: "Ntimureke aba babwiriza bakiri bato b'Abapentekote bagereyo bafite ibintu byinshi bidafite umumaro, maze bashyiremo uburozi, kandi ufate aba—abadipolomate bose n'igihugu cyose kibarwanya mbere y'uko ugerayo." Aravuga ati: "Komeza, mwene Data Branham, jyana Ubutumwa bwiza wahawe." Aravuga ati: "Njye—njye ndemera ko uri intumwa, cyangwa umuhanuzi w'Uwiteka Imana yacu."

223 Naramwitegereje, Ndamuterura mutwara mu maboko yanjye. Ndavuga nti: "Mwene Data Bosworth, ndashaka kukubaza ikibazo. Ni ikihe gihe cy'umunezero wagize mu gihe cyawe . . . cy'imyaka yawe yose . . . wamaze ubwiriza?"

Yaravuze ati: "Ni ubu, mwene Data Branham."

Ndavuga nti: "Urabizi ko ugiye gupfa?"

Aravuga ati: "Sinshobora gupfa."

Ndavuga nti: "Ni iki . . . Kubera iki uvuga ko ubu ari cyo gihe cy'umunezero wawe?"

224 Hari umuryango muto. Aravuga ati "Ndi hano ndyamye nerekeje isura yanjye kuri uwo muryango. Umunota uwo ari wo wose, Uwo nakunze, n'Uwo nabwirije kandi nkamushyigikira, ibi byose . . . ubuzima bwanjye, Azaza kundeba kuri uwo muryango, kandi nzajyana na We." Naramurebye, ndibwira nti, na—nasaga nk'uko nasa n'Aburahamu, Isaka, cyangwa Yakobo.

225 Namufashe ukuboko, ndavuga nti: "Mwene Data Bosworth, twembi twizera Imana imwe, twizera ikintu kimwe. Ku bw'ubuntu bw'Imana nzabwiriza kugeza igihe umwuka wanjye wa nyuma uzava mu mubiri wanjye. Nzaguma mu kuri kw'Imana nk'uko uko nzi kukugumaho. Sinzatenguha Ubutumwa bwiza ku ruhande urwo ari rwo rwose cyangwa ahantu aho ari ho hose. Nzaguma mu kuri nk'uko nzi kose kukugumaho. Mwene Data Bosworth, tuzahurira mu Gihugu cyiza aho utazaba muto . . . cyangwa aho utazongera gusaza ukundi, ahubwo uzaba ukiri muto."

226 Aravuga ati: "Uzahagera, mwene Data Branham, ntugire ubwoba."

227 Kandi isaha imwe mbere y'uko apfa, amasaha abiri mbere y'uko apfa . . . hashize amezi abiri, nibwiye ko icyo gihe ari bwo yari agiye gupfa, umugore wanjye araza aramubona (buri gihe yaramutekerezaga cyane), hanyuma Madamu Bosworth. Yari amaze amasaha abiri aryamye, asinziriye. Arabyuka, arareba, maze arasimbuka ava ku buriri bwe. Aravuga ati: "Mubyeyi, ni byiza, hashize imyaka myinshi ntakubona! Papa! Muvandimwe Jim, kubera iki," aravuga ati: "reka turebe, wari umwe mu banjye bahindukiriye Umwami, i Joliet, muri Illinois." Yari yarapfuye mu myaka mirongo itanu ishize. Murareba? Yego! Aravuga ati: "Uri Mushiki wacu *uyu-n'-uyu*. Yego, nakuyoboye ku Mwami mu—mu materaniro yabereye i Winnipeg. Yego. kubera iki, dore mushiki wacu *uyu-n'-uyu*. Sinigeze nkubona . . . Yego, murabona, wahindukiriye Umwami mu *aha-n'-aha*." Kandi yamaze amasaha abiri akurikiranye ahana ibiganza n'abo yari yarayoboye ku Mwami. Yasubiye aho yari ari, araryama, yahuje ibiganza, ni ko byari bimeze. Ese mwene Data F.F. Bosworth yinjiye muri icyo Gihugu Yesu yanyemereye kureba mu ijoro ryakeye? Niba ari uko bimeze, ari hariya ari umusore muri iri joro. Imana imuhe iruhuko ridashira. Kandi ndasenga ngo nkomeze kubaho mu budahemuka ku buryo nzinjira muri icyo Gihugu. Kandi ndasenga ngo mbashe kuba u—umugaragu wa Kristo w'ukuri!

228 Mfite isoni z'ubuzima bwanjye. Mfite isoni zo kuba- . . . njyewe—njyewe . . . Niba naracumuye imbere yanyu, mu—mufite inshingano zo kuza mukabimbwira. Murabona? Ngerageza kubaho mu buryo butunganye mu bintu byose Imana inyemerera

gukora ku bw'ubuntu Bwayo. Murabona? Murabona? Ariko, murebe, nshuti zanjye, niba hari ikintu muzi kitagenda neza mu buzima bwanjye, nimuze mukimbwire. Kandi, murebe, mfite inshingano zo guhagarara hano nkababwiriza Ubutumwa bwiza bw'ukuri. Mbafitiye umwenda, kuko ntegereje kubona mu maso ha buri wese, abasore n'inkumi, neza hariya hakurya y'uwo murongo. Hari neza akanya gato nk'ako guhumeka hagati y'aho muri ubungubu n'aho hantu. Ubu rero, ni byo. Ni aho hantu.

229 Kandi Imana y'ubuntu bwose, Imana yo mu Ijuru, ntabwo ari sakiriirego, ahubwo ni mu cyubahiro, "Papa," kuri uwo munsi ukomeye ubwo tuzagaruka hano maze tukongera tukagira imibiri yacu yo ku isi, rero dushobora kunywa, tukarya imizabibu n'imbuto zo mu gihugu. "Bazubaka amazu ariko bamwe ntibazayabamo. Bazatera imizabibu ariko bamwe ntibazarya ku mbuto zayo." Murabona? Umuntu umwe yateye umurima w'imizabibu, nuko umuhungu we arawufata, awugira rwe. Ariko hano si uko bigenda; azayitera hanyuma igume aho. Murebe, ibyo ni byo. Tuzaba turi aho iteka ryose. Kandi muri icyo Gihugu, ndifuza kubonayo buri wese muri mwe.

230 Kandi nzi ko hano ndimo kuvugana n'abashumba bemera inyigisho y'ubutatu butagatifu. Kandi, bavandimwe banjye, sinvuga ibi—simbivuze kugira ngo mbababaze. Nanjye ndi umwe mu Banyabutatu, Nizera ubutatu, imirimo itatu y'Imana (Data, Umwana, n'Umwuka Wera), ariko ntabwo ari Imana eshatu. Murabona? Nizera ko hari imirimo itatu, rwose, Ndabyizera n'umutima wanjye wose, "Data, Umwana, n'Umwuka Wera," ariko ntabwo ari Imana eshatu. Ni imikorere itatu gusa . . . cyangwa se imirimo itatu y'Imana. Imana yahozeho mu buryo bwa Data, mu bw'Umwana, naho ubu ikaba ari Umwuka Wera. Ni Imana imwe iri mu mirimo itatu. Kandi bafite . . .

231 Kandi Data, Umwana, n'Umwuka Wera, ntabwo ari Izina ry'Imana. Imana ifite Izina rimwe, kandi Izina Ryayo ni Yesu. Bibiliya iravuga iti: "Umuryango wo mu Ijuru witwa Yesu, kandi n'umuryango wo mu isi witwa Yesu." Ni byo. Imana rero yari ifite Izina rimwe, Izina ry'umuntu. Yari . . . yari afite izina yitwa Yehova-yire, Yehova-rafa, yari Amazina y'Icyubahiro. Ariko Yari afite Izina rimwe: Yesu! Kandi uwo ni We.

232 Kandi mu by'ukuri, bavandimwe banjye, niba mutemeranya nanjye, mwibuke ko nza—nza—nzahurira namwe hariya, uko byagenda kose. Murareba? Nza—nzaba ndi kumwe na mwe. Kandi Imana ibahe umugisha. Kandi ndabakunda.

233 Kandi ndashaka ko itorero ribyibuka: ku Cyumweru mu gitondo tuzakomereza aho twari tugeze, kandi ngiye kugerageza kutabatinza ntituri burenze saa mbiri zuzuye, kugira ngo dushobore kwitabira amateraniro yo ku gicamunsi, Niba bishoboka, kandi ninkora neza nk'uko nabikoze iri joro, saa yine n'igice. Murambabarira? Nshuti, nta gihe kinini

dusigaranye, bakundwa. Mbi—mbita "bakundwa" kuko muri bo. Muri—muri abakundwa banjye. Murabizi? Mureke. . . Dore Ibyanditswe Byera biraje. Pawulo yaravuze ati: "Mfite ishyari kubera mwebwe (Itorero Rye) n'ishyari rituruka ku Mana, kuko nabarambagije." Ngaho rero, ibyo ni byo nyirizina. Ni byo koko. "Kuko nabarambagije, nkabashyikiriza Kristo, nk'abakobwa b'isugi bazira amakemwa."

234 Noneho, niba ibyo byari ukuri kuri uwo munsi, yaravuze. . . Bo, abantu barambwiraga, baramwiraga bati: "Yesu azaza aho uri, nawe uzatugeza kuri We," nk'umukobwa w'isugi uzira amakemwa. "Baciriwe urubanza n'Ijambo wababwirije." Kandi, murebe, niba narababwirije ibyo Pawulo yabwirije itorero rye, Itsinda rye niryinjira, n'iryacu naryo rizinjira, 'kuko natwe twabwirijwe ibintu bimwe. Amina.

Reka twunamishe imitwe yacu ubungubu mu gihe tuvuga tuti: "Imana ibahe umugisha." Noneho. . .?. . .pasiteri wacu mukundwa, Mwene Data Neville.

60-0518 Kugirwa Umwana #2
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org